KA02 2209

# KANGURA

UMURIGAMIJE GUCYURA IMPUNZI Z'ABANYARWANDA

VOL.1 No.67 Prix Zaire 1 $ Tz:Kenya 100&Burundi Paris:Bruxelle 5$ Mars 1995

AGENCE INTERNATIONALE DE PRESS LIBRE
JOURNAL KANGURA BP13.12.KIGALI RWANDA
PRIME A BRUXELLE BELGIQUE
PAR MAISON OPRT.

## NTERAHAMWE NIDUKOMERE.

*Aho turi hose mu Rwanda no mu bihugu ubu turimo turuhuka ngo tubone uko dutangira icyiciro cya kabili cyo kubohoza igihugu cyacu ubu cyigabize n'umwanzi.Ubu isi yose yubaha izina ryacu <u>Interahamwe</u> aribyo kuvuga <u>Impuzamugambi</u>.Umugambi wacu tuwuhurize hamwe ;maze twereke umwanzi wacu ko haba ejo;haba ejo oundi ko ntaho uzaducikira.Umwanzi agomba kumenya ko imizi y'ikibazo cyacu ishingiye kuri Revolution yo muri 1959 <u>hutu-tutsi</u>.Icyo tugomba gukora ;ubu umwanzi wacu aho aherereye turahazi;icyo agamije nta kindi ni ukurimbura icyitwa umuhutu ;dore ko ubu mu Rwanda yatangiye guhembera umujinya .Namenye ko ataturusha umujinya kandi ko aho Tuli twese kandi hose ubu twarangije kumenya icyo dupfana nawe.*

*Mubwire abo mwiriranwa bose ko bahitamo ibintu bibiri:kuba interahamwe nyayo cyangwa inyenzi nyayo.Kubana n'abantu badafite aho bahagaze bitumwa umwanzi agira ingufu.Utemeye kuba interahamwe nasange inyenzi maze igihe nikigera tuzarebe nyirigihugu uwo ariwe.*



**Mu Rwanda havutse umutwe mushya shinzwe kubohoza u Rwanda. Twaganiriye n'umuyobozi wawo Colonel Rukara.**

KA02 2210



KAGAME ATI: BAZATERE TUZAREBE.NGO ICYAHABAHUNGIJE KIRACYAHARI

None se twemere ibyo mwene gatutsi atuvuga koko?Ese iryo jambo ahora avuga ryumvwa na bangahe?Niba se hari abaryumva ni bande barisobanukirwa? Muri twe se ninde usesengura agasuzuguro kaba gakubiyemo;ngo ukuvuze ukuri burakurakaza;yakuvuga uko utari akubeshyera ukandagaya ukibaza icyo ashingiyeho.

Ndagirango nge mbereke aho muhera musesengura iryo jambo rya mwene gatutsi kandi turizirikane;tumenye icyo rihatse ;bityo igihe nikigera tuzabe tuzi uko byagenze.

Dusubize amaso inyuma;twirukanywe na nde ?si twe twitegeje inyenzi;si twe twazifashije kugera kuri byose? Si bamwe mu bategetsi bacu bazifashije kandi na n'ubu hakaba abitwa ko bigeze kuba mu buyobozi bw'igihugu bakizifasha mu bintu binyuranye.Mbere y'uko dusesengura ririya jambo;reka turebe uwagambaniye abaturage bo bene igihugu. Iyo mvuga abaturage mba mvuga bamwe batigeze bagera mu nzego z'ubutegetsi ;bubahirije amabwiriza yose y'abategetsi babategekaga none ubu bakaba bari hanze y'igihugu kubera abo bategetsi bagaragaje inda mbi zo kugambana.Mwibuke mwese ibyabaye muri kiriya gihugu ubu twese turarikiye.Mu gihe cyose cy'intambara 1990-1994 ni ushinzwe kurebera abaturage? ninde wakoze akazi ke kurusha abandi? Nindeugagabagize igihugu kurusha abandi?Ubu ninde uzagaragaza ubutwari kurusha abandi maze akatujya imbere tukajya kubohoza igihugu cyacu? Ese ni izina runaka cyangwa ni umuntu runaka ;cyangwa se ni systeme runaka izashyirwaho maze akaba ariyo iducyura?Ibyo buri muntu wese nabyibaze maze Kangura itaha izasange yarabonye igisubizo.Tubanze dushime abaturage baba abari mu Rwanda baba abari mu nkambi hirya no hino ku isi;rwose ingufu zanyu ntaho zagiye icyo mubuze ni uziteranya ngo zigere ku cyo mwifuza.Ngaho rero ni tureke kuba nk'uko umwnzi atuvuga maze tumwereke ko aho turi dufite abanyabwenge bacu bose ;abasirikare bacu bose ;urubyiruko rwacu rwose .Izo ngufu zose nituzungikanye ma ibyitso bye aturohamo atari rwo rugero rwa twese.Kuba abari ibyitso bye baboneka mu bacuruzi;abasirikare ;abanyapolitiki;ko atari bo yafataho urugero rwa twese.Ibyo byitso ntibidukange;ahubwo nibituvemo bisange uwabikoreshaga kuva kera kubera inda mbi zabyo;maze dusigare turi "INGANO" zitagira urumamfu.

Ngabo abari abadepite ;ngabo abari abaministri;ngabo abari abasirikare;baratashye basanze uwo bafitanye isano n'ubucuti kuva kera ariwe runyenzi.ese ubundi bahungaga bajyahe kuki batagumyeyo? Nibabaho se azabamarira iki ? Nibasanga baribeshye se bazatumarira iki ?Twese tuzabamarira iki ?

Dusesengure ibitangazwa arabeshya.Kagome ati:Icyabajyanye kiracyahari;natwe tuti kiracyahari koko ;si cya gitutsi se cyamenyereye gutegekesha ingoyi!Uko twagikubise kirabizi kandi uko tuzagikubita kirabizi;nonese kiri mu maki? Kagome ati nibagaruke tubamare;natwe tuti tuzagaruka nyine.Ubundi se abawe bashize ureba he ?None se wungutse gutegeka kurusha uko wari kugabana ubutegetsi na ba nyirabwo ukagumana abo wita ko ukingira;waje kubohoza;nonese uwakubaza abo wabohoje wakwerekana abahe? Kereka niba uzerekana bene wabo wa kanyarengwe ;Lizinde;Twagiramungu ;Sendashonga n;abandi bahutu nka Bizimana bo na n'ubu bagifite bene wabo b;abahutu.Nonese Kagome;subiza amaso inyuma ;ba so na banyoko bahunze intambara na revolisiyo yo muri 1959 bari he?nonese usanze ba nde mu gihugu aho ugifatiye ?Waberekana ?ariko abo bahutu muri hamwe bene wabo nibo baguhiga kandi bazagucakira kandi bo bvasigare.Uzaba wishongorana iki ? Kuko mwene gahutu iyo yarakaye uko abigenza nawe urabizi kuko atuma wongera intimba utazashira; ngo wahisemo kubohoza amazu y'abahunze ;uzayabamo kangahe ? ahubwo umenye ubwenge waba uyavamo ;wibuke ko Kanyarengwe yabwiye ba so ko azuzura nabo ari uko yameze umusatsi.Ese murabyibagiwe ;yarawumeze se cyangwa muracyacengana ?Muzamubona rero cyangwa mubone bene wabo.

Dusobanukirwe n'ibyo Kagame atuvuga.

Aragira ati bariya

abaturage babatezeho;ngo izo nda rero na n'ubu baracyazifite ni nazo bagishyize imbere; ngo mbere yo gutera bazabanze bazishyire hasi maze babone batere.

Kagame arakomeza agira ati

Ese ubundi icyabaje cyararangiye .Iyo avuga atyo aba avuga ko abayobozi bacu ko iyo urugamba rukomeye bahabwa amafranga yo kujya kugura amasasu;aho kujya . . . . kuyagura ;agahitamo kujya kuyiba maze bagatoroka;bagatuma dusohoka mu gihugu kubera kubura amasasu.Kagame ati abo bose se ntubagihari si ba Bizimana Augustin wategekaga ingabo ze ;si ba Bagaragaza Michel wategekaga OCIR The maze icyayi cyose twahunganye akakirira wenyine atibuka ko yahunganye n'abaturage.si ba Nsengiyumva Rafiki Hycinthe wategekaga MINITRAPE;maze akarya akayabo karenga 1.000.000 y'amadorari akomotse ku byo impunzi zahunganye ngo nonese abo bose bazareka izo nda mbi zabo maze bashyire hamwe babone batere u Rwanda ;ngo icyabirukanye ni inda yabo;kandi iracyahari;ngo nibabanze bayishyire hasi maze babone bavuge ngo bazatera;ngo mbese amacakubiri aranga abahutu ubu noneho ararangiye? Ngo mbese babandi barwanira imyanya kuruta gucyura abaturage ntibagihari;ngo mbese ubu uwabahamagara akabaha imyanya bakongera gusakuza?ngo Kagame azemera ko dushobora kumutera igihe tuzaba dufite abayobozi batarangwa n'inda.

Ngaho rero nitwibaze .Kagame aratubeshyera .Ese koko ubu twirukanye inyenzi muri kiriya gihugu ibyo zavana mu Rwanda hari uwakwihandagaza akabirya wenyine cyangwa ibyo basohora mu gihugu. bashobora kubihuriza hamwe ngo bizashe kudutera? Ninde warya amafranga yo kugura amasasu y'inyenzi ngo zibure kumwica? Nome rero turebe niba ibyo Kagame avuga abeshya tumubeshyuze ; niba avuga ukuri tumukosore;dushyireho abantu twizera batari muri babandi b'ibisambo bagera kuri (261) bibye ibyo twahunganye ;ba baswa ;ba bagambanyi;ba ba nyamujyiyobigiye ntabo tugifite muri politiki yacu?wasanga hari abumva ririya jambo ukundi bagamije kuyobya uburari bakabyerekeza aho bifuza

Ubu hirya no hino ku isi impunzi zirashyiraho amashyirahamwe ashinzwe kuzirengera .Ibyo ni byiza ;ariko se ayo mashyirahamwe ko amaze kuba nk'uburo bweze ;aho bene kuyashinga batekereza imitego ya FPR yabateze.Ese bibuka ko FPR itegereje ko abari ku buyobozi bwayo basubiranamo na guverinoma yahunganye n'abaturage ?Ese hakorwa iki ngo habe ishyirahamwe ry'abo bose maze rihuze ibitekerezo by'abo bose ;rirebe icyo abaturage bakeneye.Ese uwabaza abayobozi b'ayo mashyirahamwe icyo bakoze ngo u Rwanda ruve mu kangaratete bavuga iki?Ese muri bo ntabatwibye umutungo twahunganye? Nta batugambaniye muri wa mukino w'amashyaka ?Ese ntabaharanira inda zabo bashaka imyanya kurusha ibindi byose?
Ese guverinoma y'Abatabazi yo irakora iki ngo yegere ayo mashyirahamwe maze bakorane buzuzanye.Ibyo ayo mashyirahamwe adashoboye bikorwe na guverinoma;n'ibyo guverinoma idashoboye bikorwe n'ayo mashyirahamwe.

None se niba tudashoboye gushyira hamwe ;murabona muzaba mukorera nde? Ni iki muzaba mumariye abaturage bahunze babakurikiye? Ese ni izihe ngufu mwasabye abaturage ngo bazikoreshe mu kubohoza igihugu mukazibura?Ngaho rero Kangura ibahaye aho mutangirira mutekereza . Ni muhere aho namwe mugire icyo musesengura kandi cyatugirira akamaro;maze twereke Kagame ko uko abona abahutu b'ibibwa atari ko tese tumeze.

Ngeze HASSAN

Abanyamakuru ba Kangura bagiranye ikiganiro n'umutwe mushya ukorera mu Rwanda ibikorwa byo kubohoza igihugu.Le Liberateur.

*Uko uwo mutwe wavutse;uko ukora;abawushinze n'ibyo umaze kugeraho cyane cyane mu bikorwa by'iterabwoba.*
*Mu minsi ishize ;umunyamakuru wa Kangura wari wagiye gukurikirira hafi ibikorwa byagombaga kuva mu nama y'abakuru b'ibihugu byagombaga kwiga ikibazo cyo gucyura impunzi z'Abanyarwanda iyo nama ikaba itarabashije kuba kubera impanvu z'umutekano.N'ubwo iyo nama itabashije kuba rero;ntihabuze kuba iyo mu rwego rw'abaministri.Ibyo iyo nama yagezeho murabisanga muri iyi Kangura tukaba tugirango mwikurikiriranire ikiganiro twagiranye n'umwe mu bayobozi b'umutwe Le Liberateur.Umuyobozi w'uwo mutwe kubera impanvu z'umutekano yanze ko*

dutangaza izina rye rizwi na benshi maze ahitamo ko twakoresha irihimbano bakunze kumuhimba ryitwa Colonel Rukara Rwa Bishingwe.
Iki kiganiro twakigiriye mu majyaruguru y'u Burundi ari nayo mu majyepfo y'u Rwanda mu ntara ya Ngozi.byabanje kutugora cyane kugirango yemere ko tuganira dore ko yadukekaga amababa kubera ko Kangura yigeze kumugira inkotanyi kubera ko yigeze kugaragaza ko abogamiye ku Nyenzi.Ni umuhutu ukomoka i Kigali wize ibya gisilikare mu bihugu byinshi.Ni umwe mu bantu bakunze kuvugwa ko nta kinyabupfura bagira .Twashimira abantu babashije kuduhuza nawe ;bakamusaba ko yatwakira .Byari bimaze iminsi bivugwa ko mu Rwanda nta mahoro ahari;ko Interahamwe n'abari abasirikare b;u Rwanda bajya bagira batya bakajya gutera inkotanyi mu gihugu zitije;ibyo twarabikurikiranye dusanga ari ukubeshya kubera ko intwaro zose zafunzwe n'ingabo za Zayire. Ubwo buri muntu yakomeje kwibaza utera Inkotanyi akamubura ;nibwo dusomye itangazo ryasinywe n'ushinzwe kuvugira uwo umutwe ;atwemerera kuzajya atugezaho buri gihe ibikorwa by'uwo mutwe.Yanze ko kumuvuga izina ngo haracyari kare. Ibiganiro byakozwe n'abanyamakuru ba Kangura ;bikorerwa ahantu wagirango ni ku Mulindi w'Abahutu b'i Burundi dore ko hari n'undi witwa General Gakimbi ubu wagejeje u Burundi ku bikorwa byo kubohoza igihugu cy'u Burundi.
Twasanze nabo bamaze iminsi bakorana inama biga ukuntu bahuza ibikorwa byabo by'u Rwanda n'u Burundi mu kubohoza ibyo bihugu byigaruriwe n'abatutsi;ubwo kandi ni nako ingabo z'abo bagabo zihagazeho neza ku butaka no mu birindiro byabo.Mu Burundi gerenade zaravugaga ;mu Rwanda ingabo za Rukara zari zateye ahantu henshi.

Colonel Rukara Rwa Bishingwe.
Twagirango mwibwire abasomyi ba Kangura Nitwa .....ariko bakunze kunyita Rukara Rwa Bishingwe kubera ibitekerezo byange byo kutavogerwa ngo nemere gusuzugurwa.Abampaye iryo zina bahereye cyane cyane ko mu buzima bwange nkunze kuvuga ko "kubaho ntacyo umariye abandi birutwa no kutabaho".
Ukomoka mu kahe karere k'u Rwanda ?
Rukara R:Ibyo ntacyo byamarira abasomyi banyu;gusa ubambwirire ko ndi umunyarwanda uba mu Rwanda uharanira kuruvana mu ngoyi ya FPR n'iyanyu ishingiye ku kazu.
Kangura.Umutwe wanyu watangiye ryari ? Umutwe wacu Le Liberateur umaze amezi atanu uvutse.
Kangura. Muwushinga mwari mugamije iki ?
Rukara R .Kugirango icyo kibazo ucyumve biragoye cyane;bisaba ko ubanza gusobanukirwa neza n;amateka y'u Rwanda .Hari ababanje kutwitiranya n'interahamwe ;abandi batwitiranya n'abari ingabo z'u Rwanda .Abo bose ni abatatuzi ariko noneho ubwo twatangiye gukorera ku mugaragaro bazatumenya .Nyuma y'uko inkotanyi zifata igihugu abantu bari bizeye ko zizazana umutekano ;maze si ukwica maze ukagirango zirasiganwa n'interahamwe.
Kangura.Mu ngabo zanyu ;iyo murwana muba mugamije kugera kuki;gufata ubutegetsi cyangwa kwica abo mutavuga rumwe?
Rukara R.Twebwe nta muntu tugira icyo dupfa;yaba umuhutu cyangwa umututsi ;twe icyo tutemera ni systeme iyo ariyo yose yica abaturage.
Kangura.Ni bande bagize umutwe wanyu ?ni Abanyarwanda cyangwa ni abanyamahanga ?
Rukara R. Umutwe wacu n'ubwo aribwo ugitangira urimo abantu bose batemera politiki y'inkotanyi n'iy'interahamwe.Dushobora gukoresha abantu bananiwe na politiki y'interahamwe cyangwa y'inkotanyi.Urugero hari nk'umuntu uba mu nkotanyi zarenjiza zikica umuryango we cyangwa yaba mu nterahamwe nazo zikica umuryango we ;abo rero twe tugomba gukorana nabo mu kubohoza igihugu cyacu.
Kangura. Kuki mwahisemo gukora ibikorwa by'intambara iyo mubanza gukora ibya politiki ?
Rukara R. Usibye natwe;n'abari ku butegetsi i Kigali ntibashobora kugira ubu icyo batangaza inkotanyi zitagishatse;ubu nta mashyaka ari mu gihugu;ntaho twagombaga kuvugira rero kubera ko ari Inkotanyi zivuga gusa.
Kangura.Ibikorwa byanyu bitaniye he n'ibya FPR ?
Rukara R: FPR yo yarwaniraga kubohoza abatutsi;n'ubwo yakundaga kubihisha; ariko twe turwanira kubohoza buri munyarwanda.Ikibanze;ikihu tirwa ;akaba ari uko inkotanyi zakwemera demokarasi;maze abanyarwanda bose bakishyira bakizana ntawe usumba undi mu bwoko cyangwa mu turere.
Kangura: Ibyo bizagerwaho bite ?
Rukara R: Ubu twatangiye kwereka inkotanyi ko zitashobora gukora mu gihugu abaturage batishimye;ubu dufite gahunda yo guhagarika igihugu cyose;maze tugasaba inkotanyi ko twe

*Le Liberateur* n'inzirabwoba zari ingabo z'u Rwanda n'inkotanyi twakora imishyikirano yo kureba uko u Rwanda rwasubira mu mahoro.

Kangura:Ibikorwa byanyu bishobora kutugeza ku butegetsi ?

Rukara R:Twe icyo duharanira si ukugera ku butegetsi ;ahubwo ni ukwishyira ukizana mu Rwanda;ari inkotanyi zageze kubyo zishaka zikoresheje amasasu;n'inzirabwoba maze ibyo zishaka zizabigereho zikoresheje amasasu;natwe rero Le Liberateur twahisemo inzira y'amasasu;uzunva ko tumubogamiye tuzashyikirana tureke intambara ;tujye mu mishyikirano atari ya yindi yo kubeshyana.

Kangura:Ni iki mwaba muhurujeho na biriya bice byombi mu bushyamirane ?

Rukara R: Icyo duhuriyeho ni uko twese twahisemo intambara mbere;imishyikirano nyuma.Icyo tudahuriyeho ni uburyo bwo kurwana.Inkotanyi zashakaga ibyitso byo kwica inzirakarengane;kimwe n'inzirabwoba ;umwe agahiga abatutsi undi agahiga abahutu.Twe rero ibyo byose ahubwo twe tuvugako nta majyambere mu gihugu mu baturage nta mutekano;ni ukuvuga ko twe tudashobora kumva inkotanyi zikoraimishinga iyo ariyo yose ya kijyambere kandi abaturage nta mahoro bafite;icyo gihe tuzajya duhita tuwuhagarika dukoresheje kuwusenya kugeza ubwo zizumvira.

Kangura:Mutangiranye ngufu ki ?

Rukara R:wimbaza ingufu ahubwo mbaza ibyo tumaze kugeraho.

Kangura:NI ‹a atari ibanga se mwabitu ›wiye?

Rukara R:Tumaze kugaba ibitero 53 kuva umutwe wacu Le Liberateur washingwa;kandi ubu twe turi hose mu gihugu;nta selire n'imwe tutarimo.Ibitero byadushimishije cyane ni ibyo twagabye i Nyamasheke;Mukungwa Ruhengeri;Kigali mu murwa mukuru ;i Butare;cyane cyane ibyo twakoze mu Bigogwe bikagwamo inkotanyi nyinshi n'abasirikare ba MINUAR.

Kangura:ko bitavuzwe mu maradiyo mpuzamahanga?

Rukara R:Ibyo si ibibazo byacu icyangombwa ni uko tugera ku ntegano zacu.Niba amahanga atabitangaza ni ukubera ko abyirengagiza amaherezo azabivuga kuko ntawatwika inzu ngo ahishe umwotsi.Wazageza ryari se ?

Kangura: Murabona muzakorana mute n'amahanga?murabona atazabamagana abafata nk'aba terroriste nk'abo muri Algeriya ?

Rukara R: Ibyo nibyo twifuza kuko umunsi byatangiye kuvugwa bityo;ubwo n'imishyikirano izaba iri hafi gutangira kuko ntiwakora imishyikirano utabanje kumenyekana.Reka tubanze twerekane ingufu zacu maze uzashaka kutwumva azatwumve yatumenye.

Kangura: Mumaze gutakaza abantu bangana iki kuva mwatangira ?

Rukara R: ibyo sinabivuga gusa kugeza magingo aya nagirango twibaze neza.Umwanzi utegeka i Kigali niwe uzi neza ibyo tumaze kumukorera n'ubwo yanga kubivuga;igitangaza ni uko tumara kumukubita akatwita amabandi nk'uko mubyumva kali Radio Kigali .Icyo twe dushaka si uko yadutaka ;ahubwo ni uko yatwibeshyaho akazatumenya twamugejeje aho dushaka .

Kangura:Abo basirikare ba MINUAR mwabishe ryari ?

Rukara R: Byaguye mu bitero byacu n'inkotanyi mu karere ka Bigogwe uvuye ku ishyamba rya Gishwati.

Kangura: Mukurahe umutungo mukoresha ?

Rukara R: Kugeza ubu dufashwa n'abanyamuryango b'imbere mu gihugu batishimiye ingoma y'ubwicanyi ya FPR n'abandi bashyigikiye ibitekerezo byacu.

Kangura: Mubona mute ibirwanisho ?

Rukara R: Ibyo biroroshye kuko umwanzi turwana nawe turamuzi ;kandi intambara yacu ntisaba ibikoresho byinshi;gusa isaba ubushishozi;naho ubundi wakoze plan neza ;wanakoresha ibyo wakwambura uwo muhanganye.Ibyo abazi ibya gisilikare bo barabizi.

Kangura: Iyo mukora ibikorwa nk'ibyo gusenya ibikorwa bya kijyambere;muba muticisha abaturage b'abahutu inkotanyi zakwitirira ibikorwa byanyu ?

Rukara R:Kuki uvuga Abahutu ?twe twakubwiye ko ingabo zacu zo mu mutwe Le Liberateur zigizwe n'amoko yose atishimiye ubutegetsi bwaba ubw'inkotanyi cyangwa ubw'interahamwe;ndetse ni biba ngombwa tuzagutumira mu Rwanda uze usure ahantu hazaba hafashwe vuba aha uzasangamo amoko yose.

Kangura: Ni nkahe se mwaba mufite ?

Rukara R: Kugeza ubu inkotanyi nazo zizi ko mu Rwanda hali ahantu zidashobora kugera cyangwa ngo zigire igikorwa icyo aricyo cyose zihakorera.Iyo rero ubutegetsi budashobora gukorera ahantu twe ubwo tuba tuhafite.Tegereza gato tuzahakwereka.Icyo tugitegereje ni uko abanyamakuru b'amahanga twabwiye baza tukabageza mu rundi Rwanda rwo mu Rwanda rutari urw'interahamwe cyangwa

urwa Kagame.
Kangura: Abaturage bo mu Rwanda mukorana mute ?
Rukara R: Kugeza magingo aya ntibaratumyenya kuko tutarabibwira kereka abo twabashije gukorana imisnyikirano tunabasobanurira icyo turwanira;ariko rero hari abaavuga ko Rwagiramungu Faustin ari mu badufashije gushinga Le Liberateur.Ibyo rwose ni ukubeshya kuko atashinga umutwe ushinzwe kurwanya guverinoma ayoboye;kereka ashatse kudutera inkunga yo kugarura amahoro mu Rwanda kuko aricyo turwanira.Ibyo abikoze rwose yaba adukoreye affaire.
Kangura:Ni abahe bategetsi bo mu ngabo zahunze cyangwa z'inkotanyi muri hamwe ?
Rukara R:Nta n'umwe ku buryo n'abatuzi ari bake cyane kereka nk'inzego zishinzwe iperereza gusa .N'ubwo tumaze amezi hafi atanu tuvutse [Le Liberateur] ;ntitwahise dutangira;twabanje kwiga uko intambara yacu izaba iteye kugeza ubwo dutangiriye.
Kangura:Intambara yanyu itaniye he n'iyo FPR yakoresheje guerrilla?
Rukara R:Biratandukanye cyane kuko icyo FPR yarwaniraga ari ugufata ubutegetsi ;kuvugira Abatutsi bari bararenganye;kuburyo no kwicisha abatutsi bari imbere mu gihugu ntacyo byari bibabwiye kuko muri plan ya FPR yari iziko abatutsi bo mu gihugu bazapfa;ariko twebwe ntawe tuvuga ngo nashaka azapfe kuko tuvugira bose ;kandi icyo dushaka ni uko ubutegetsi butakwita ku majyambere kuruta amahoro

ni ngombwa ko abantu batandukanya gutera imbere kw'abategetsi ngo bibagirwe gutera imbere kw'igihugu.Ibyo rwose biratandukanye ;mbere banza uhe abaturage amahoro nurangiza ubahe amajyambere nicyo gitekerezo cya Le Liberateur.
Kangura:Ibikorwa byanyu mubona bitazitirirwa iby'inzirabwoba?
Rukara R: Bizaterwa n'ubivuga n'icyo azaba ashaka kugeraho;icyo gihe inzirabwoba zizisobanure .Ndakeka ko bitazanavugwa kuko ubu natwe tugiye gutangira kuvugira mu maradiyo y'amahanga.
Kangura:Intambara yanyu muzayirangiza ryari ?
Rukara R:Muri plan yacu;ubu turateganya igice cya mbere cy'imyaka itanu.Nkuko FPR yavuze ko izategeka nta matora abaye;ni ukuvuga ko tuzayibuza kugira icyo igeraho cya kijyambere.Usibye ko nabaye imishyikirano twavuze haruguru natwe twahindura.
Kangura:Ninde uzwi mu buyobozi bwa Le Liberateur ?
Rukara R: Ushatse rwose icyo kibazo wacyihorera kuko muri guerrilla bitari ngombwa kuvuga ayo mazina .Vuba aha bose bazamenyekana ;bizaterwa n'uko tubishaka n'impamvamvu tuzaba dufite mu kuyatangaza.
Kangura:Muli plan yanyu mubona ari abahe bantu bazapfa ?
Rukara R:Twakubwiye ko nta kibazo dufitanye n'abaturage ;ntawe dukeneye kwica kereka uzashaka kwiyahura aturwanya akagwa muri iyo mirwano naho ubundi barapfa na FPR irabica kandi urabizi twe ntabwo twafata intwaro yo kubabohoza ngo abe ari natwe dufata iya mbere mu kubica ;bagomba kubimenya ahubwo bakadushyigikira kuko aribo tuje kubohoza ;nibajya bumva ibyabaye bajye bicecekera bamenye ko FPR ifite gahunda yo kubamara natwe tukaba dufite gahunda yo kubabohoza.
Kangura: None se ko namwe muzi ko hakunze kuboneka ibitambo by'intambara ;iyo yanyu mumaze gushoza mubona nta bitambo izagira?
Rukara: Nta ntambara itagira ibitambo;gusa icyo twe tuzi ni uko naho byahaba bitazibanda ku bwoko cyangwa ku karere;gusa nkaba nkwemereye ko tuzabona abayoboke benshi kuko abazumva ko bahohoterwa bazaza dufatanye duharanire kubona umutekano mu gihugu cyacu;kugeza ubu kandi byaragaragaye ntabwo abaturage baraturwanya;kuko aho turwanira hose baba bazi ko aribo tuboboza.Ibyo ahubwo nimwe mugomba kubibwira rubanda mukoresheje itangazamakuru.
Kangura :Abantu banyu iyo bafashwe na FPR bigenda bite ?
Rukara R:ibyo bizwi n'abazi ibya gisirikare ;ni nk'uko iyo dufashe aba FPR baturwanya uko bigenda. Kugeza ubu nta ngwate zirabaho ku bice byombi kuko iyo duteye FPR ivuga ko ari amabandi yateye;ntijya yemera na rimwe ko yatewe n'umutwe runaka .Impanvu itavuga ko yatewe ni uko yanga ko amahanga avuga ko nta mutekano uri mu gihugu;maze ntibone amafranga iba yaremerewe n'abanyanyamahanga.
Kangura :Mbere yo gutera ......... mutandukaniyehe n'ababaye impunzi zo muri Zayire;na Tanzaniya. Aho dutandukaniye ni uko bo bakiri mu nkambi mu mahanga twe tukaba turi mu Rwanda;kandi mu gihe amahanga atarabaha intwaro zabo bahunganye ;twe tukaba dukoresha nkeya dufite mu kubohoza igihugu cyacu tubuza inkotanyi

kugera ku bikorwa bya kijyambere itarageza buri muntu ku mutekano;muri buri karere .buri bwoko;aha nkaba nsaba ko amarembo ya LE Mediateur afunguye ko uwashaka wese kuza kwifatanya natwe mu kubohoza igihugu ;yaba umuhutu yaba umututsi ;yaba umutwa ;apfa kwemera icyo turwanira akemera no kugipfira kandi abyishimiye.

Kangura :Inama yabahuje n'Abarundi yageze kuki ?

Rukara R:ni ubwambere dukora inama nk'iriya twigira hamwe na mugenzi wanjye General Savimbi [izina bamwita kubera umutekano] tukaba twarigiraga hamwe icyo buri ruhande rwamarira urundi.Bikaba bigoye kuvuga icyo twagezeho ku munsi wa mbere w'imibonano keretse wenda nyuma ;gusa twe tukaba twishimiye ibyagezweho;kandi kumenya nibyo bya ngombwa.

Kangura:Ngo hari Abanyarwanda barwana ku ruhande rw'Abarundi ?

Rukara R:Ibyo ni wowe ubizi kuko twe ku ruhande rwacu icyo kibazo ntaho kizwi;uziko abanyamakuru muvuga byinshi;yaba ukuri yaba ibihimbano;nizere ko utazampimbira ibyo ntakubwiye.

Kangura:Ko hari amaradiyo mpuzamahanga yatangaje ko ntaho mutaniye n'udutsiko dukorera i Burundi twitwa Les sans pities;Les sans echec utwo dutsiko tukaba tugizwe n'abatutsi bitwa Les extremistes;murabitekerezaho iki ?

Rukara R:Dutangira nge navuze ko intambara yacu atari iy'amoko ko ari iyo kubohoza igihugu kugirango inkotanyi zijye mu nzira y'ukuri.

Kangura:Hari ubwo mujya mutekereza guhuza ibikorwa byanyu n'I zirabwoba ?

Rukara R:E ragoye kuko intambara :acu atari zimwe n'ubwo ibyo twaba duharanira ari bimwe.Mu nzirabwoba harimo abakivangura amoko;ariko twe icyo dushaka ni uguhesha buri muntu agaciro mu gihugu cye mbere y'uko ahabwa icyitwa amajyambere.Amahoro mbere;amajyambere nyuma.

Kangura:Ni uruhe rwego mufitemo abahanga b'intambara yanyu ?

Rukara R:Inzego zose tuzakenera dufitemo abo tuzakoresha ;nidukenera indi ntambara y'ubundi bwoko dufite uko tuzabigenza.

Urakoze reka njye mu kandi kazi ;ubwo ugiye unkenera naguhaye adresi yacu na telefoni dukoresha ifite na fax.

Ngicyo ikiganiro twagiranye n'umutwe mushya witwa Le Mediateur.Colonel Rukara Rwa Bishingwe yatubujije kuvuga izina rye kubera impamvu z'umutekano.Azwi haba mu Rwanda no mu mahanga ku buryo benshi bari bazi ko yapfuye ;none natwe twatangajwe no kuba akiriho;kandi byaravugwaga ko yaba yarapfuye.Abashaka kumuterefona Kangura yabaha nimero ze kuko ubu afite terefoni bagendana.

Telefoni sateritere

Ababikurikirira hafibemeza ko u Rwanda rushobora kuba nka Somaliya yo irwanirwamo n'imitwe myinshi.

## FPR YAKOZE KILIZIYA GATOLIKA MUNDA.

Nk'uko twababwiye ko uwitwa Nkurunziza Jakson ubu uzwi ku izina rya Nkurunziza Jeacques cyangwa Nkurunziza Alias NZIZA uwo musore rero akaba ariwe wishe abasenyeri i Kabgayi.Mu gihe twari tumaze gusohora Kangura N.66;twanditse tuvuga ko yagororewe kuba umuyobozi w'Ambasade y'u Rwanda i Nayirobi.Impamvu yoherejwe nta yindi ni uguhiga abahutu bahahungiye;ababuza amahoro;abicisha;abirukanisha ;abimisha ama viza.Ubu rero yaratangiye.Kubyerekeye kuba yarishe abasenyeri;yatubwiye ko itegeko ryavuye kwa Kagame .Koko abasenyeri bamaze gufatwa babamaranye nk'iminsi ibiri;aza kubaza Kagame akoresheje igitega cya gisirikare uko azabigenza.Kagame asubiza ko agomba guhita abarangiriza ;ubwo kandi hirya no hino abihayimana bicwaga urubozo n'ibyitso bya FPR.

Dore rero amazina y'abantu bose bihayimana bishwe na FPR.Ntibitangaje kuba hari n'abahutu babishemo;ni uko babaga bakorera FPR;babazi cyangwa batabazi;gusa ikizwi n'uko wali umugambi wa FPR.

## LISITI Y'ABAPADIRI;ABIHAYIMANA N'ABARAYIKI BICIWE MU RWANDA.

I. ABAPADIRI B'ABANYARWANDA.

A.Diyosezi ya Butare

1.Padiri Filimini BUTERA kure wa paruwasi ya Higiro;

(04.08.1954;15.08.1987;yiciwe i Butare kuya 31.Gicurasi 1994 )

2.Padiri Yusitini FURAHA ;Kure wa paruwasi ya Save; (07.08.1953;20.07.1980;yiciwe i Butare kuya 31.Gicurasi 1994 )

3.Padiri Alegisi KAYUMBA ;vikeri wa paruwasi ya Cyahinda; yasezeranye kuya 13.07.1993;yiciwe hafi ya paruwasi ya Kiruhura mu ntangiriro za Nyakanga 1994.



KA02 2215

24.05.1994).
38.Musenyeri Inosenti GASABWOYA wahoze ali vikeri mukuru; (1920;1948; yiciwe i Gakurazo kuya 05.06.1994).
39.Padiri Alfredi KAYIBANDA vikeri wa kiriziya y'i Kabgayi (1949;1982 yiciwe i Gakurazo kuya 05.06.1994).
40.Padiri Alfonsi MBUGUJE kire wa paruwasi Kinazi (1962;1991; yiciwe i Cyangugu muri Gicurasi 1994).
41.Padiri Franswa SAVERI MULIGO kire wa kiriziya y'i Kabgayi (1955.1981; yiciwe i Gakurazo kuya 05.06.1994).
42.Padiri Karisiti MUSONERA kire wa paruwasi ya Kayenzi (1960;1990; yiciwe i kabgayi kuya 24.05.1994).
43.Padiri Silivesitiri NDABERETSE; ekonome wa diyoseze (murundi) 1945;1976; yiciwe i Gakurazo kuya 05.06.19944).
44.Padiri Petero SELESITINI NIWENSHUTI vikeri mu Byimana (1946;1974; yiciwe i Kabgayi kuya 24.05.1994).
45.Musenyeri Tadeyo NSENGIYUMVA umushumba wa Kabgayi (1949;1975; yiciwe i Gakurazo kuya 05.06.1994).
46.Padiri Bernard NTAMUGABUMWE; uhagarariye amashuri (1962;1990 yiciwe i Gakurazo kuya 05.06.1994).
47.Padiri Yohani BATISITA RUZIGANA vikeri i Gitarama (1947;1985; yiciwe i KIBANGU muri Nyakanga).
48.Musenyeri Yohani MARIYA VIYANI RWABIRINDA vikeri mukuru (1951;1987; yiciwe i Gakurazo kuya 05.06.1994).
49.Padiri Emmanuel UWIMANA; umuyobozi wa seminari ntoya y'i Kabgayi (1963;1990; yiciwe i Gakurazo kuya 05.06.1994)

F.DIYOSEZI YA KIBUNGO
50.Padiri Yozefu GATARE;umuyobozi w'ishuri rya Mukarange;

(24.06.1963;23.07.1989;yiciwe i Mukarange kuya 12.4.1994)
51.Padiri Elize MPONGANO;kure wa paruwasi ya Bare;

(25.12.1942;25.07.1975;yiciwe i Kibungo kuya 15.04.1994)
52.Padiri Yohani Bosiko MUNYANEZA;kire wa paruwasi Mukarange;

(15.03.1957.;31.07.1983;yiciwe i Mukarange kuya 12.04.1994)
53.Padiri Evode MWANANGU;vikeri wa paruwasi Rukoma;

(06.08.1959;25.07.1987;yiciwe i Rukoma kuya 08.04.1994)
54.Padiri Mikayire NSENGIYUMVA;kire wa Paruwasi Rukoma;(25.04.1932;01.01.1962 ;yiciwe i Kibungo kuya 18.04.1994)
55.Padiri Yusitini RUTERANDONGOZI;vikeri muri paruwasi ya

Rukoma;(1948;02.06.1974;yiciwe i Rukoma kuya 7.04.1994)

G.Arikidiyosezi ya KIGALI.
56.Ngr Visenti NSENGIYUMVA ;umushumba wa Kigali;

(10.02.1936;18.06.1966;yiciwe i Gakurazo kuya 05.06.1994)
57.Padiri Ananiya RUGASIRA ;Ekonome w'iseminari ntoya ya Ndera;

02.06.1956;26.07.1987;yiciwe i Ndera kuya 09.04.1994.
N.B.Padiri Alexandre NGEZE yapfiriye i RILIMA kubera indwara;abapadiri Yozefu HARERIMANA;Feregisi KABAYIZA;na Kaniziyusi NDEKEZI barabuze.

H.Diyosezi ya NYUNDO
58.pADIRI mATIYASI gahinda;kire wa paruwasi ya Mubuga ;
(1917;25.07.1945;yiciwe ku Kibuye muri Mata 1994.)
59.Padiri Eduwaridi GAKWANDI;Vikeri wa paruwasi ya Nyundo;
(1931;22.09.1958. yiciwe ku Nyundo kuya 09.04.1994.)
60.Padiri Silasi GASAKE ;kire wa paruwasi ya Kibingo;
(1946;18.07.1976;yiciwe ku Nyundo kuya 09.04.1994.)
61.Padiri Alubereti GASHEMA ;kire wa paruwasi Mubuga;
(1963.08.09.1990;yiciwe mu ishyamba muri Mata 1994.)
62.Musenyeri Ludoviko GASORE;KIRE WA PARUWASI MUHORORO;

*(07.07.1921;25.07.1948;yiciwe i Muhororo muri Mata 1994)*
*63.Padiri Tadeyo GATORE ;kire wa paruwasi Kivumu ;*
*(1951.14.08.1977 kuya 13.04.1994)*
*64.Padiri Antoni HABIYAMBERE;Vikeri wa paruwasi Rambura;*
*(1947;24.07.1983;yiciwe i Rambura kuya 7.04.1994)*
*65.Padiri Sipiridiyo KAGEYO;kire wa paruwasi Rambura;*
*(1943.28.05.1974;yiciwe i Rambura kuya 7.4.1994)*
*66.Padiri Karisiti KARISA uhagarariye amashuri muri perefegitura;*
*(1939;29.06.1968;yiciwe ku Nyundo kuya 9.04.1994)*
*67.Padiri Kelementi KANYABUSOZO;kire wa paruwasi Mushubati;*
*(1930.;20.04.1960;yiciwe ku Nyundo kuya 9.04.1994)*
*68.Padiri Feredina KAREKEZI ;vikeri wa paruwasi Nyundo;*
*(1935;29.05.1966;yiciwe ku Nyundo kuya 9.04.1994)*
*69.Padiri Rubereti MATAJYABO;vikeri wa paruwasi Mushubati;*
*(1925.02.08.1953;yiciwe ku Nyundo kuya 9.04.1994)*
*70.Padiri Diyonizi MUTABAZI;vikeri wa paruwasi Kibingo;*
*(1915.25.07.1943.yiciwe i Gakurazo kuya 5.6.1994)*
*71.Padiri Siliveri MUTIGANDA; vikeri wa paruwasi Murunda;*
*(1954;07.08.1983;yiciwe i Murunda kuya 8.04.1994)*
*72.Padiri Herimani MWAMBARI;yari mu kiruhuko ku Nyundo;*
*(1915;25.07.1941;yiciwe ku Nyundo kuya 9.04.1994)*



KA02 2216

4.Padiri Karori NCOGOZA;kure wa paruwas Cyahinda;
(08.03.1960;15.08.1987. yiciwe i Cyahinda )
5.Padiri Matayo NGIRUMPATSE ;vikeri wa paruwasi ya Nyanza;

(14.10.1926;08.04.1987;yiciwe i Cyahinda )
6.Padiri Faranswa NGOMIRAKIZA;kure wa paruwasi ya Karama;
(22.10.1946;15.07.1973. yiciwe i Ndago kuya 5.07.1994.)
7.Padiri Kalisiti NKESHUMPATSE;vikeri wa paruwasi ya Gakoma;
1954;26.07.1981;yiciwe mu BUgesera
8.Padiri Segond NTIBAZIGA;umuyobozi w'ishuri ry'abaforomokazi ry'i Gakoma
23.03.1929;08.04.1958 ;yiciwe i Gakoma.
9.Padiri Inosenti NYANGENZI;vikeri wa paruwasi ya Nyanza;
(1957;23.07.1989;yiciwe i Nyanza mu mpera za Mata )
10.Padiri Tarisisi RUBINGIZA; umwarimu mu Iseminari nkuru i Nyakibanda
(14.09.1947;27.07.1975. yiciwe i Gisagara kuya 26.04.1994 )
11.Padiri Yohano Bosiko YIRIRWAHANDI;kure wa paruwasi ya Nyanza ;akaba yaranabaye na vikeri wa diyosezi ya Butare;
(1948;01.08.1976;yiciwe i Nyanza mu mpera za Mata 1994 )
N.B.Abapadiri Binifasi MUSONI;NTIYAMIRA Yohani;Vitari RUTAYIRE na Narisisi SEMURIRO ;bishwe n'indwara kubera kutavurwa.
PADIRI Felisiyani MUVARA we yarabuze.

B.Diyosezi ya Byumba
12.Padiri Al.gisi HAVUGIMAN.
(1954.;1981;.ishwe muri Mata 1994.
13.Padiri Yozefu HITIMANA (1950.1976.;yishwe muri Mata 1994)
14.Padiri Agusitini MASHYENDELI (1947;1981);yiciwe I Nyinawimana muri Mata 1994.
15.Padiri Gasipari MUDASHIMWA;UMWARIMU MU ISEMINARI YO KU Rwesero(1924;1953 yiciwe I Rwesero kuya 21 Mata 1994)
16.Padiri Ladisilasi MUHAYEMUNGU (1958;1992;yiciwe i Mata 1994
17.Padiri Celesitini MUHAYIMANA (1958;1990;yiciwe i Nyinawimana muri Mata 1994.
18.Padiri Fideli MULINDA (1993;yishwe muri mata 1994.
19.Padiri Fawusitini MULINDWA (1965;1992 yishwe muri Mata 1994)
20.Padiri Chritian NKILIYEHE (1948;1975 yishwe muri Mata 1994)
421.Padiri Atanase NKUNDABANYANGA;
22.Musenyiri Yozefu RUZINDANA umushumba wa diyosezi ya Byumba (1943;1972 yiciwe i Gakurazo kuya 05.06 1994).
N.B. Padiri Tadiyo CIZA (murundi) Yarabuze muri Mata 1994

C. Diyosezi ya CYANGUGU

23.Padiri Yozefu Boneza; Kure wa paruwasi ya Mibirizi (01.05.1963;28.07.1991;yiciwe hafi y'i cyangugu kuya 19.05 1994)
N.B.Padiri Inosenti GASHUGI yishwe n'indwara i cyangugu kuya 17.05.1994

D.Diyoseze ya GIKONGORO
24.Padiri Stroni GAKWAYA; ekonome wa diyoseze; (09.10.1939;15.08.1967;yiciwe i Kigali kuya 07.04.1994)
25.Padiri Bonifasi KANYONI; vikeri wa paruwasi ya Kibeho (24.05.1941;19.07.1970 yiciwe kigali kuya 07.04.1994).
26.Padiri Aloyizi MUSONI vikeri wa paruwasi ya Cyahinda (12.05.1952;29.07.1984; yiciwe ku Gikongoro kuya 13.05.1994).
27.Padiri Petero CANIZIYUSI MULINZI vikeri wa paruwasi Mbuga (13.07.1959;01.09.1985 yiciwe Cyangugu 13.05.1994).
28.Padiri Petero NGOGA vikeri wungirije wa paruwasi Kibeho (14.05.1952;26.07.1981 yiciwe Butare kuya 31.05.1994).
29.Padiri Yohani MARIYA VIYANI NIYIREMA; vikeri wungirije wa paruwasi Kaduha (17.03.1946;16.07.1978; yiciwe Kigali kuya 07.04.1994).
30.Padiri Yozefu NIYOMUGABO vikeri wungirije wa paruwasi Cyanika (1941;28.07.1968 yiciwe i Cyanika kuya 24.04.1994).
31.Padiri Irene NYAMWASA; kure wa paruwasi Mubuga (02.02.1951;31.07.1988; yiciwe ku Gikongoro kuya 13.05.1994).
32.Padiri Alfredi NZABAKURANA; uhagarariye amashuri (28.07.1952;25.08.1985; yiciwe Kigali kuya 07.04.1994).
33.Padiri Yohani MARIYA VIYANI RWANYABUTO; Kire wa paruwasi Muganza (02.08.1982 yiciwe i Gisagara kuya 26.04.1994).
34.Padiri Yohani MARIYA VIYANI SEBERA; kire wa paruwasi Simbi (20.10.1940; 16.07.1969; yiciwe i Ndago kuya 05.07.1994).
35.Padiri Karisiti UWITONZE vikeri wa kiriziya ya Gikongoro (11.03.1959;28.07.1991; yiciwe i Nyanza mumpera za mata 1994.

E. Diyoseze ya KABGAYI
36.Padiri Fideli GAHONZI..; omoniye w'ibitaro by'i Kabgayi (1961;1992 yiciwe i Gakurazo kuya 05.06.1994)

37.Padiri Tarisisi GAKUBA; vikeri wa paruwasi MUYUNZWE; yahawe ubupadiri kuya 15.08.1993; yiciwe i Kabgayi kuya

Nyamirambo.
19.Furere Vivensi;yiciwe i Rwamagana.

2.ABAFURERE MARISITI.
29.Furere Fabiyani BISENGIMANA;imyaka 45;yiciwe i Kabgayikuya 24.5.1994.
30.FURERE Gasipari GATARI;imyaka 41.yiciwe i Kabgayi kuya 24.5.1994.
31.Furere Krisitofu MANNION;wari wungirije umukuru w'umuryango;yiciwe i Save kuya 1.7.1994.
32.Furere Petero Kaniziyo NYIRINKINDI;imyaka 35.yiciwe i Kabgayi.
33.Furere Yozefu RUSHIGAJIKI;yiciwe i Save kuya 1.7.1994.
34.Furere Etsiyene RWESA;yiciwe hafi y'umupakla w'u Burundi kuya 26.4.1994.

3.ABAFARANSISIKANI.
35.fURERE Goriji;wo mu muryango w'i Mbazi (Butqre)yishwe muri Mata 19945.

4.ABAFURERE DE LA MISERCORDE.
36.Furere Yohani Batisita GAHAMANYI;yiciwe i Butare kuya 8.5.1994.
37.Furere Franswa BIZIMANA yiciwe i Butare kuya 8.5.1994.
38.Furere Fawusitini RUKERIBUGA ;yiciwe i Butare kuya 8.5.1994.

5.ABAPADIRI B'ABABENEDIGITINI.(I Gihindamuyaga hafi y' i Butare.)
39.Furere Kayitani GATERA;yiciwe i Gihindamuyaga kuya 22.4.1994.
40.Furere Antoni RUTAGENGWA;yiciwe i Gihindamuyaga kuya 22.4.1994

6.ABAFURERE B'URUKUNDO.
41.Furere Dominiko.

7. ABAFURERE B'UMUSARABA.
N.B.Abafurerte 4 b'i Rango barabuze.

C.ABABIKIRA.

1.ABABIKIRA B'ABAGUZIRIYATIRISI.
02.Mama Libera Mariya Garatsiya MUKAGATARE;yiciwe i Kigoma muri Gicurasi 1994.

2.ABABIKIRA B'ABENEBIKIRA
02.Mama Alufonsi yiciwe ku Muhororo muri Mata 1994.
03.Mama Beninya NAKANA;wari uhagarariye umuryango Nkunganire;yiciwe i Kabgayi 24.5.1994.
04.Mama Kandida yiciwe ku Nyundo kuya 9.4.1994.
05.Mama Edimondi Mariya NYIRABUDEYI;Umukuru wa Nyumba yiciwe i Nyumb muri Mata 1994.
06.Mama Emeriyana ;umucungamutungo w;iseminari ntoya;yiciwe ku Nyundo kuya 9.4.1994.
07.Mama Franswa Saveri ;umukuru w'i Muhororo;yiciwe ku Muhororo muri Mata 1994.
08.Mama Jerarida Mariya ;umucungamutungo yiciwe ku Muhororo muri Mata 1994.
09.Mama Giyovani;wakoraga mu kigo cy'abapadiri;yiciwe ku Nyundo kuya 9.4.1994.
10.Mama Yuliyana wakoraga mu kigo cy'abapadiri yiciwe ku Nyundo kuya 9.4.1994.
11.Mama Letitsiya wigishaga mu mashuri abanza yiciwe ku Nyundo kuya 9.4.1994
12.Mama Mariya Agusitini ;umuyobozi w'umushinga APSB;yiciwe i Nyanza muri Mata 1994.
13.Mama Mariya Karara MUKABISANGWA wigishaga mu Ishuri Mbonezamubano ryo ku Karubanda yiciwe ku Kicukiro (Kigali )mi ijoro ryo kuya 6-7 .4.1994.
14.Mama Mariya Faransisika MUKAMPARIRWA umukuru w'i Nyanza;umucungamutungo muri koleji ;yiciwe i Nyanza muri Mata 1994.
15.Mama Mariya Pawula yiciwe i Simbi kuya 18.4.1994.
16.Mama Pelajiya ;ekonome ;yiciwe i Simbi kuya 18.4.1994.
17.Mama Petero Karaveri YANKURIJE ;umuyobozi w'ikigo nderabuzima ;yiciwe i Simbi kuya 18.4.1994.
18.Mama Rafayeri Mariya ;yiciwe i Nyumba muri mata 1994.
19.Mama Rejisi; umwarimu;yiciwe i Muhororo muri Mata 1994.
N.B.Mama Karola ;umucungamutungo mu Iseminari ntoya yo ku Rwesero yarabuze.

3.ABABIKIRA B'ABABENEDIGITINA(i Sovu hahi y"i Butare)
20.Mama Sitefaniya KAMANZI;
21.Mama Tewonira KAYITESI.
22.Mama forutunata MUKAGASANA
23.Mama Tereza MUKARUBIBI.
24.Mama Yuliyana MUKANKUSI.
25.Mama Herimerinda MUSABYEMUNGU.
26.Mama Anyesi NYIRAHABIMANA.
27.Mama Berenadeta NYIRANDAMUTSA.

Bose biciwe ku muhanda Nyakibanda - Kibeho i Ndago kuya 5.7.1994;bari mu ikamyoneti hamwe n'abapadiri Yohani Mariya Viyani SEBERA na Fransisiko NGOMIRAKIZA.

4.ABABIKIRA B'ABIZERAMARIYA.
28.Mama Kandida MUKABAZIGA ;yiciwe ku Gisenyi.
29.Mama Mariya MUKAMUSANA ;yiciwe ku Gisenyi.
30.Mama Alufonsina MUKANDAMAGE ;yiciwe mu muhanda ujya i Byumba kuya 10.5.1994.
31.Mama Mariya Garatsiya MUKANYANGEZI;yiciwe iwe

KA02 2219

73.Padiri Antoni NIYITEGEKA;vikeri wa paruwasi Rambura;
(1951.06.08.1978;yiciwe i Rambura kuya 7.04.1994)
74.Padiri Agusitini NKEZABERA;kire wa paruwasi MURAMBA ;
(1959.;14.08.1988;YICIWE i Muramba kuya 7.4.1994.)
75.Padiri Venusiti NSENGIYUMVA;vikeri wa paruwasi Kivumu;

(29.10.1950.;06.08.1978.yiciwe ku Kivumu kuya 7.04.1994)
76.Padiri Agusitini NTAGARA ;kire wa paruwasi Gisenyi;
(1931;23.11.1958;yiciwe ku Gisenyi kuya 7.04.1994)
77.Padiri Vedasiti NYIRIBAKWE;Umwarimu mu iseminari nkuru i Kabgayi;
(1944;10.01.1973.yiciwe i Kabgayi kuya 24.05.1994)
78.Padiri Adiriyani NZANANA ;kire wa paruwasi Kibingo;
(1944;02.06.1974;yiciwe ku Nyundo kuya 7.4.1994)
79.Padiri Aloyizi NZARAMBA;shanseliye wa diyosezi ya Nyundo;
(1946;02.06.1974.;yiciwe ku Nyundo kuya 9.4.1994)
80.Padiri Inosenti RUBERIZESA;kire wa paruwasi Birambo;

(06.04.1942.22.07.1971.yiciwe mu Birambo muri Mata 1994)
81.Padiri Tewofili RUTAGENGWA;vikeri wa paruwasi Muramba ;
(1961;21.07.1991;yiciwe ku Kibuye muri Mata 1994)
82.Padiri Faranswa RWIGENZA ;kire wa paruwasi Muhororo;
(1953;5.10.1978;yiciwe i Muhororo muri Mata 1994)
83.Padiri Dewogarasiyasi RWIVANGA ;vikeri wa paruwasi Kibuye ;
(1955;08.09.1990;yiciwe mu ishyamba muri Mata 1994 )
84.Padiri Narisisi SEBASARE ;VIKERI WA PARUWASI bIRAMBO;
(1921;25.07.1950.YICIWE MU bIRAMBO MURI mATA 1994 )
85.Padiri YOZEFU SEKABARAGA;kire wa paruwasi ya Biruyi

(1935;06.06.1965 ;;;yiciwe i Biruyi kuya 13.04.1994)
86.Padiri Bonifasi SENYENZI;vikeri wa paruwasi Kibuye;
(15.03.1945;29.06.1975;yiciwe ku Kibuye muri Mata 1994)
87.Padiri Dewogarasiyasi TWAGIRAYEZU; umwarimu mu iseminari ntoya ;
(14.4.1940;22.7.1970;yiciwe ku Nyundo kuya 7.04.1994)
N.B.Padir Afuferedi NIYITEGEKA yarabuze guhera muri Mata 1994.

I.Diyosezi ya RUHENGERI.
88.Padiri Yoronimu SEMBAGARE;umuyobozi w'ishuri ryisumbuye ry'i Janja;
(1.02.1953;6.08.1978;yiciwe i Goma (Zayire )16.7.1994.)

II.ABIHAYIMANA N'ABARAYIKI.

A.ABAPADIRI
1.ABAMISIYONERI B'AFRIKA.
01.Padiri Andereya CALOONE;vikeri wa paruwasi ya Ruhuha (Kigali)

(Umufransa;1926;1954;yiciwe ku Ruhuha muri Mata 7.1994)
02.Padiri Yowakimu VALLMAJO;vikeri muri paruwasi Rushashi-Muhura;yari ashinzwe ikigo cy'amajyambere ya diyosezi ( Byumba)
2.ABAPADIRI B'ABAYEZUWITI.
03.Padiri Patirike GAHIZI;umukuru w'akarere k'u Rwanda ;
(1946;1979;yiciwe i Kigali kuya 7.4.1994)
04.Padiri Kilizologe MAHAME;
(1927;1961;yiciwe i Kigali kuya 7.4.1994.)
05.Padiri Inosenti RUTAGAMBWA;
(1948;1979;YICIWE I Kigali kuya 7.4.1994)

3.Abapadiri "FIDEI DOMINIUM"
06.Padiri Pawulo KASENNE;kire wa paruwasi Rususa(Nyundo)
(Umubiligi;yiciwe ku Gisenyi kuya 15.7.1994.)
N.B.Padiri Mikayire JIJI kire wa paruwasi Cyeza (Kabgayi)Yishwe n'indwara i Kanyanza kubera kutitabwaho.

B.ABAFURERI.
I.ABAFURERI B'ABAYOZEFITI.(28 barishwe.)
01.Furere Yozefu BARBU;yiciwe mu Birambo 25.4.1994.
02.Furere KANEZA;yiciwe i Nyamirambo.
03.Furere Emabule MAZIMPAKA;yiciwe ku Nyundo.
04.Furere Maritini MUNYANSHONGORE;wahoze ari umukuru w;umuryango w'abafurere b'Abayozefiti;yiciwe i Kabgayi kuya 24.5.1994.
05.Furere Fideli MUREKEZI;
06.Furere Yonatani MUNDERERE;yiciwe ku Nyundo kuya 9.4.1994.
07.Furere Bonifasi NDAYISENGA ;yiciwe mu Birambo kuya 25.4.1994.
08.Furere Yohani Batisita NSINGA;umukuru w;abafurere;yiciwe i Gakurazo kuya 5.6.1994.
09.Furere Ferederiko NYAKAYIRO;yiciwe ku Gisenyi kuya 8.4.1994.
10.Furere Yohani Batisita RUTAGENGWA ;umwarimu mu ishuri ryisumbuye ry'i Nyamasheke;yiciwe hafi y'i Nyamasheke
11.Furere Ladisilasi SINIGENGA ;umuyobozi w'ishuri ryisumbuye ry'i Nyamasheke ;yiciwe i Nyamasheke muri Mata 1994.
12.Furere Anakereti;yiciwe hafi y'i Nyamasheke .
13.Furere Kamili yiciwe i Rwamagana.
14.Furere Felesiyani yiciwe i Rwamagana.
15.Furere Giyome;yiciwe i Nyamasheke .
16.Furere Ludoviko ;yiciwe i Nyamirambo.
17.Furere Petero ;yiciwe i Nyamirambo.
18.Furere Sitani ;yiciwe i

muri Gicurasi 1994 32.Mama Yolanda MUKARUGINA yiciwe mu muhanda ujya i Byumba .

33.Mama Mariya MUKASHEMA ;yiciwe mu muhanda ujya i Byumba kuya 10.5.1994.
34.Mama NYIRANDAMUTSA Serafina;yiciwe mu muhanda ujya i Byumba kuya 10.5.1995.

35.Mama Antoniya NYIRAGIRINKA ;yiciwe mu muhanda ujya i Byumba kuya 10.5.1994.
36.Mama Dominiko ;yiciwe ku muhanda ujya i Byumba kuya 10.5.1994.
37.Mama Tasiyana ;umunovisi yiciwe mu muhanda ujya i Byumba kuya 10.5.1994.

N.B.Mama Mariya Salome NYIRAKANANI;umuvndimwe wa padiri teresifore NYANDWI;yishwe no kubura gitabara.

5.<u>ABABIKIRA B'ABASOMUSIYO.</u>
38.Mama Garasiya Mariya KANGOFERO;imyaka 58;yiciwe mu Birambo kuya 26.4.1994.
39.Mama Bonifasi Bujeniya MUKABERA ;imyaka 48;yiciwe mu Birambo kuya 26.4.1994.
40.Mama Hilida Mariya MUKANDINDA;umunovisi ;imyaka 28.
41.Mama Ana Mariya MUKASHEMA ;umunovisi ;imyaka 30.
42.Mama Alufonsi Mariya NYIRANGILIMANA;imyaka 50.
43.Mama Kilisitofa NYIRABATWARE ;imyaka 55 ;yiciwe hafi y'i Tumba muri Mata 1994.

6.<u>ABABIKIRA "DE LA CHARITE DE NAMUR "</u>

44.Mama Kansilida MUKANKWAYA ;umukuru w'inzu y'i Ndera (Kigali);yiciwe i Ndera kuya 15.4.1994
45.Mama Mariya Berenarido(w'i Ndera);yiciwe mu muhanda ujya i Byumba kuya 10.5.1994.

7.<u>ABABIKIRA B'UMUSHUMBA MWIZA.</u>
46.Mama Dimitira KANGABE;
47.Mama Anatoliya KAYIRANGA .
48.Mama Marigarita KAYITESI
49.Mama Vesitina MUJAWAYEZU.
50.Mama Epifaniya MUJUGANYE.
51.Mama Fransina MUKAMUSONI(yasezerany e kuya 20.9.1992.)
52.Mama Jakirina MUKANGARAMBE
53.Mama Mariya Siperansiya MUKASHEMA
54.Mama Beyata MUTETERI.
55.Mma Enata MWANAYIRE.
56.Mama Domitiriya NIYIRORA.
57.Mama Pasikaziy° UMUGIRANEZA.
58.Mama Mariya Goreti UWAYEZU.

Aba babikira bose ;abanovisi n'abasipiranti biciwe ku Kamonyi kuya 22.5.1994;ubwo bavaga i Kigali berekeza mu majyepfo.

8.<u>ABABIKIRA B'ABADOMINIKANI ABAMISIYONERI B'AFURIKA.</u>
59-60.Speransiya na Chrisitina biciwe muri perefegitura ya Byumba

9.<u>FILLE DE LA CHARITE.</u>
61-62.Abapositiranti 2biciwe mu Birambo muri Mata 1994.

10.<u>PETITES SOEURS DE JESUS</u>
Umwe yarishwe i Masaka muri Mata 1994.

D.<u>ABARAYIKI.</u>
1.<u>INSTITUT SECULIER "VITA ET PAX"</u>
01.MUKABADEGE Mariya Roza (1957;15.9.1980;7.4.1994)
02.MUKAKAYANGE Fransina (1970;15.10.1993;7.4.1994)
03.MUKAMANA Wiwifrida (1955;01.10.1989;7.4.1994)
04.MUKAMURIGO Imakurata(1968;15.10.1993;7.4.1994.)
05.MUKAYITESI Beransira (1963;01.10.1987;7.4.1994.)
06.MUREKEYISONI Tereza (1958;25.12.1982;7.4.1994.)
07.NYIRANGIRABABYEYI Beyatirisa(1973;15.10.1993;7.4.1994.)
08.UMUTESI Fururensiya 1972;15.10.1993;7.4.1994.)

Bose biciwe muri santre Krisitusi i Remera hamwe n'abapadiri 3 b'Abayezuwiti.

2.<u>AUXILIAIRES DE L'APOSTOLAT</u>(abarenze 20 barishwe)

***INKURU Y'IMVAHO K'URUPFU RWA NYAKWIGENDERA JUVENAL HABYARIMANA N'ABO BARI KUMWE MU NDEGE.***

*<u>UMURYAMGO WA NYAKWIGENDERA WABISOBANURIYE ABANYAMAKURU BA JEUNE AFRIQUE</u>*

*Mu gihe cya sa mbiri n'igice za nimugoroba nibwo Madame Habyarimana Agatha;wari munzu hamwe n'umukobwa we w'imfura yumvise indege isumira mu kirere maze ahamagara undi mukobwa we witwa Jeanne y'uko se aje.Hagati aho umuhungu wa nyakwigendera witwa Jean Luc yari muri piscine . hamwe na ba nyirarume .Bo kubera ko bari hanze babonye sene (scene )yose.*

*<u>Muti byagenze bite?</u>*

*Abakozi bo ku kibuga cy'indege ;bakibona indege bahise batsa bya bitara bifasha indege kugwa nta kibazo.Ubwo indege yakomeje kuza ;iri hafi yo kugwa;bumva ikibunda kirashe cyari mu gace ka Masaka.Ibisasu barashe byari bitatu bikurikiranye .Nk'uko Jean Luc abivuga ;igisasu cya mbere cyarashe indege irasabayangwa(perdre l'equilibre).Icya kabiri kiyigezeho itangira kugurumana;icya gatatu gihita kiyishwanyaguza;maze ibice byagurumanaga bigwa mu busitani bwo mu rugo;naho amababa agwa hirya y'uruzitiro*

KA02 2221

rw'urugo.Hagati aho Jeanne nawe wari wasohotse agiye kureba uko indege ya se igwa ;yabonye i[illegible] maze yirukankira m[illegible] [illegible]bwira nyina y'uko in[illegible] [illegible]a se bayirashe.Madam[illegible] Agatha we yakomeje kwizera ibitangaza yibwira k[illegible] ahari umugabo we atari m[illegible] [illegible]yo ndege kuko yakeka[illegible] [illegible] ari buzane na perezida Mobutu wari watumiwe m[illegible] nama perezida yari av[illegible] [illegible] ariko we ntayizemo.Ub[illegible] bakiri muri urwo;aban[illegible] bari kure y'ingoro ya nyakwigendera batangiye kurasa iwe .Uwari ushinzwe umutekano kwa Perezida yahise asaba Agatha ko bazimya amatara yose kandi bakareka kwegera amadirishya kugirango batabarasa.Hashize igihe gito;umutwe ushinzwe kurinda umukuru w'igihugu wahise uhagera uje gutabara.Waje uyobowe n'umu Lieutenant-Colonel n'umu Major ;umaze kumenya aho abari kubarasaho baherereye batangiye guhangana nabo maze bahumuriza umuryango wa Nyakwigendera.Jean Luc afatanije n'aba G.P.batangiye kuzimya ibice by'indege byagurumaniraga mu mbuga bakoresheje amazi n'ibitaka.

Ishakishwa ry'imirambo.

Umurambo wa mbere wabonetse ni uwa DOGITERI akingeneye;bawusanze mu igaraji wanyuze mu gisenge maze ugwa hejuru y'imodoka yarimo.Mu gih[illegible] cyo mu ma sa tatu [illegible] nibwo babwiye A[illegible] [illegible]o yitegura kuko [illegible] kuzana umura[illegible] w'umugabo we;[illegible] ubwo bari bibeshye kuko uwo bari baketse ko ari Habyarimana yari Ambassadeur RENZAHO.Al antu ntibashobo aga kubamenya neza kuko bari bahiye.

Nyuma [illegible]'iminota mirongo itatu nibwo babonye umurambo wa Habyarimana uryamye mu kiguri cy'indabo zo mu busitani bw' iwe .

Hafi nko mu ma sa cyenda z'ijoro nibwo babonye umurambo wa perezida w'uburundi Cyprien NTARYAMIRA.

Mu gitondo nibwo babashije kubona indi mirambo yari isigaye ;yarimo iy'Abaderevu b'indege b'Abafaransa.

Muri iryo shakisha abasirikare bacu bafashwaga n'abasirikare b'Abafransa ni nabo babafashije mu kubona ka gasanduku kitwa Boite Noire kaba mu ndege.

**INDEGE YA GISIRIKARE IRABATEGEREJE KANDI IRIMO IMYANYA ICUMI....**

Ayo ni amagambo intumwa ya Perezida Mitterand w'Ubufaransa yaje kubwira umuryango wa nyakwigendera.

Kubera rero imyanya icumi yari mike ;murumuna wa Habyarimana w'umuganga niwe wakoze ilisiti y'abagenda.Iyo ndege yabagejeje i BANGUI muri Centre Afrique aho bakiriwe na Perezida w'icyo gihugu Patasse;nyuma y'aho bafashe indege ibageza i Paris mu Bufaransa aho bakiriwe n'intumwa ebyiri za Ministere y'Ububanyi n'Amahanga y'Ubufaransa.Bakigera mu Bufaransa bahasanze kandi abandi bana ba nyakwigendera barimo Jean Pierre na Bernard biga muri France na Jean Claude ;Rose na Leon biga muri CANADA.Umuryango wa nyakwigendera wahise ucumbika mu kazu k'ibyumba 4 se yari amaze iminsi mike yishyura buhoro buhoro kugirango izamwegururwe ubwo azaba arangije kuyishyura(location vente).Iyo nzu kandi ntabwo yari yagatunganywa neza.

Madame Agatha arashima Minisitiri w'Intebe w'icyo gihugu wamwohererej ubutumwa bwo kubarema agatima;ndetse na Perezida Mitterand wabohererej indabyo.

Umuryango wa nyakwigendera wemeza nta shiti ko icyo gikorwa giteye isoni ari icya FPR ifatanije na BAMWE mu ba Biligi.Umunyamakuru yababwiye ko nyamara hari ikindi gice kivuga ko ari agaco k'abicanyi bita Escadron de la mortkaba karakoze ayo mahano cyangwa se ngo abahutu ba Extremistes batashakaga ko amasezerano y'amahoro y'ARUSHA ashyirwa mu bikorwa.Madame Agatha avuga ko abavuga ibyo ari abanyabinyoma byambaye ubusa.Aragira ati:Mbere y'uko umugabo wanjye apfa bavuga ko NSABIMANA Deogratias na Elie SAGATWA aribo ba shefu ba escadron de la mort;none bose bapfiriye hamwe na HABYARIMANA mu ndege !Ati :baba se ari Escadron de la mort yishe umugabo wange nabo bakiyica?!! Kubyerekeranye n'abo bita Abahutu extremistes bavuga y'uko nyuma y'urupfu rwa NDADAYE ;Madamu Agatha yege[illegible] ku ba tutsi b'i Burundibabifashijwemo na KAGAME;Abahutu benshi bari barifatanije na FPR [illegible]atangiye kuyivamo;ahubwo [illegible]akaza kubwira HABYARIMANA ko bamushyigikiye;ati rero abahutu bari bamushyigikiye.HABYARIMAN A atangiye gishyigikirwa n'abahutu benshi batangiye gukora gahunda yo kubica ;ati ibi birasobanura urupfu rwa GATABAZI Felicien wishwe na FPR ngo ni uko yaje kubwira umugabo we ko amushyigikiye.

Akomeza kandi avuga no ku rupfu rwa BUCYANA Martin wishwe n'inyenzi zari zihishe muri PSD. Kuri we rero arasanga kuba

*FPR yari imaze kwica NDADAYE;GATABAZI;BUCYANA ;GAPYISI;n'abandi bahutu b'ibyatwa nta shiti ko uwari usigaye yari HABYARIMANA.Akomeza kandi asobanura ko mu minsi ya nyuma y'ipfa rye bari bamenye ko FPR yakoze umugambi wo kumwica ;ariko ko abashinzwe kumurinda bari barahawe andi mabwiriza mashya ku buryo kumwicira ku butaka byari byabananiye ;bagakoresha uburyo bwo mu kirere.Anavuga kandi ko ku cyumweru;iminsi itatu ngo apfe ;hari inshuti yabo yakoraga muri ONU i Kigali yababwiye ko KAGAME yavuze ko azakora uko ashoboye akica HABYARIMANA.*

*URUHARE RW'ABABILIGI MU IPFA RYA HABYARIMANA.*

*Agatha avuga ko barega bamwe mu Babiligi ariko ko Ababiligi bose umuntu atavuga ko aribo bafatanije na FPR kumwicira umugabo.Aragira ati umwami w'Ububiligi yari inshuti y'umugabo wange ;ati ndetse na Minisitiri w'Intebe Martens na Ministre w'Ingabo bari inshuti y'umugabo wange.Ati ariko mu Bubiligi hari agaco k'Ababiligi kakibwira ko Umututsi yaremewe gutegeka;ati kandi bamwe mu banyepolitiki b'icyo gihugu bakekaga ko Ubufransa bugiye kubakura mu gihugu bikoronirije ;bakumva rero gufasha FPR bica HABYARIMANA aribyo bibaha ikizere cyo gukomeza kwifatira u Rwanda.Ati kandi bamwe mu Babiligi bari bari muri MINUAR II bagiye bahohotera abantu ngo ni uko bambaye umudari uriho ifoto ya HABYARIMANA.*

*IBYEREKERANYE N'UBWICANYI BWAKURIKIYE IHANURWA RY'INDEGE YA HABYARIMANA.*

*Umuryango wa nyakwigendera nta byinshi ubivugaho; gusa utangazwa n'ukuntu amahanga yabeshywe y'uko aba GP aribo bishe abantu mu gihugu cyose.Bavuga yuko abo basirikare bari bakeya cyane ku buryo bari bataillon imwe gusa.Agatha ati:indege ikimara guhanurwa igice kimwe cy'abo basirikare cyaje mu rugo;ikindi gice kijya kuri Aeroport;ikindi gisigara kirinze ikigo cyabo kibasiwe n'inyenzi ndetse zikahasiga imirambo y'ababo benshi.Ati abo ba GP banganaga iki ku girango bakore iyo mirimo yose;kandi ngo bajye no kwica mu gihugu cyose.*

*UMUSOZO*

*Mu kurangiza umukobwa wa Nyakwigendera yaravuze ati:Abatutsi bazicuza data.*

---

NGEZE HASSAN.

BYAGENZE BITE MURI MATA 1994 UBWO HABYARIMANA YAPFAGA?

Iyi nyandiko ikozwe igamije gusobanura ibintu byose ku murongo uko byatangiye n'uko byaje kurangira kugera mu guhunga kwacu.Hari abantu benshi baba abasirikari baba abasiviri batazi ingaruka urupfu rwa Habyarimana rwakururiye abanyarwanda;bikaba bibaye ngombwa rero gushyira ahagaragara iyi nyandiko tugamije gusobanurira abazavuka nyuma y'intambara y'Ukwakira 1990 uko abantu b'inzirakarengane bagiye bagwa mu ntambara akenshi batanazi dore ko intambara nyayo imizi yayo yatangiye mu 1990 taliki ya 01.Ukuboza.Muri iyi nyandiko turi buze ku byabaye mu kwezi kwa kane nyuma y'itariki ya 06 y'urupfu rwa Habyarimana.

Bijya gutangira hali ku mugoroba taliki ya 06;saa mbiri n'iminota mirongo ine n'itanu 20h45.indege y'umukuru w'igihugu yari imuvanye muri Tanzaniya aho yari yahuriye n'abakuru b'ibihugu bigaga ikibazo cy'u Rwanda mu rwego rwo kugarura umutekano.Ubwo ukuraswa kw'iyo ndege niko kwatangiye imvururu zose;kurangizwa no guhunga kw'Abanyarwanda benshi bahungiye mu mahanga.

IBIVUGWA KU RUPFU RWA HABYARIMANA.

Habyarimana amaze gupfa havuzwe amagambo menshi ;abo muri FPR n'abayishyigikiye bati Habyarimana yishwe n'ingabo z'u Rwanda ngo kugirango babone uko bica Abatutsi .Abandi bo ku ruhande rw'ingabo z'u Rwanda bati Habyarimana yishwe na FPR kugirango ibone uko ifata ubutegetsi;hakaba n'ikindi gice kivuga ngo Habyarimana yishwe n'Ababirigi baba muri MINUAR. Turebere hamwe undi ufite inyungu mu rupfu rwa Habyarimana.

Kugirango wice umuntu utegeka cyane cyane umukuru w'igihugu:ni uko ugomba kuba warateguye uburyo bwo kumusimbura;ukaba ufite gahunda yose uzahita ukurikizaho amaze gupfa.Iyo Habyarimana aza kwicwa n'ingabo z'u Rwanda rero;abari kuba bamwishe ni abari kuba bangana na we batamwifuza;ubwo bamara kumwica bagahita bigarurira ubutegetsi ;bakanagira icyo batangariza abaturage gituma bamwica.Ufashe ubutegetsi agahita ashyiraho inzego zabwo zimunogeye;zishingiye kubyo yifuza.Ibyo bikaba byaragaragaye nyuma yo gupfa kwa Habyarimana ko nta musirikare cyangwa agatsiko kashatse gufata igihugu ngo kagire icyo gatangariza abaturage kuri urwo rupfu nk'uko bimanzwe bigenda hirya no hino ku isi iyo habaye ihinduka ry'ubutegetsi;ahubwo buri muntu mu basirikare bakuru yakubiswe n'inkuba abona ishyano ryaguye;nta n'umwe wanasobanukiwe ;buri muntu ku giti cye ;haba muri Kigali;haba mu maperefegitura haba no mu mahanga ;ibigo byose bya gisirikare byari byumiwe;ugasanga abayobozi bose b'ibigo barimo barabaza ku bibera i Kigali uko byifashe ;abaguye muri iyo nsanganya n'uko bakwifata.

Iyo FPR ivuga ityo iba ishaka kumvisha abantu ko Habyarimana yishwe n'ingabo ze.FPR ihera ku nama yigeze gukoreshwa n'uwari Ministre w'Intebe Agathe Uwilingiyimana ;akaba yarigeze guteranya aba Ofisiye bakomoka mu majyepfo y'igihugu abasaba gutekereza ku cyakorwa ngo Habyarimana aveho maze hajye mu bikorwa amasezerano y'amahoro y'Arusha.Abo basirikare bamuteye utwatssi bamugira umusazi;ndetse bamwumvisha ko ayo makimbirane ashaka kubazanamo ayasubiza mu banyepolitiki bene wabo;ko mu basirikare umurimo w'ibanze ari ukurinda ubusugire bw'igihugu ko atari we ugiye kubigisha ukuntu bakemura ikibazo ku buryo bwa gisirikare nk'aho abarusha ako kazi .Bamubajije icyo FPR ibitekerezaho ;asubiza ko nayo ibishyigikiye ko imbogamizi ari Habyarimana.Ubwo abo basirikare bamushubije ko batari igikoresho cya FPR nkawe;ko ajya kuyibwira ko bibeshye mu bitekerezo.

Kuba abo basirikare baragaye uwo mugambi w'Agata;byababaje FPR n'abari bayishyigikiye barimo ba Agathe ;Twagiramungu n'abandi bagombaga gusangira ubutegetsi nyuma y'ukuvaho kwa Habyarimana.Ibyo byose iyo ubiteranyije usanga nta musirikare mu ngabo z'u Rwanda wishe Habyarimana kubera ko ntanyungu n'imwe igaragara yari kubona muri urwo rupfu.

Kuki hari abatekereza ababiligi?

Ababiligi batekerezwa kuko hari igice cyabo cyari gisigaye kigaragara ko gikorera FPR;cyane cyane bikagaragarira mu myifatire ya bamwe mu babiligi bakoraga muri MINUAR;urugero ni nk'abasirikare b'Ababiligi bateye ku witwa Jean Bosco BARAYAGWIZA bakamwononera ibintu ;abo basirikare bagafatwa ariko ntihagire ibyemezo bigaragara bibafatirwa.Ikindi kandi Ababiligi bo muri MINUAR nibo bari bashinzwe kurinda

KA02 2223

ikibuga cy'indege n'inkengero zacyo ;bari baïte ibyuma byose bigendana n'ako kazi ko kurinda ikibuga cy'indege kandi banakambitse ahantu hose hangombwa.Kugirango rero ubashe kurasa indege kuri buriya buryo bisaba ibi bikurikira
1.Kuba ufite amakuru yose arebana n'ikibuga indege igwaho cyangwa ihagurukiraho.
2.Kuba ufite intwaro zabugenewe mu gukora akazi ko guhanura indege.
3.Kuba ufite inkuru ya nyuma ivuga aho indege ivuye ;aho igeze n'igihe igerera k'uri buze kuyirasa.
4.Uri buze kurasa indege nawe agomba kubona umwanya uhagije wo kwitegura akajya ahantu hangombwa ari buze kuyihanurira kandi akagendana imbunda ari buze gukoresha n'ibisasu byayo ntankomyi.
Kugirango rero ubashe kugera kuri ibyo byo gutwara intwaro nta nkomyi ;ni uko uba ufite abakurinze;abakurinze nabo kandi bagomba kugira aho bakurindira .
*Kuba rero Ababiligi bo muri MINUAR aribo barindaga ikibuga cy'indege ;akaba ari nabo bari barinze inkengero zacyo zose ;akaba kandi aribo bari bashinzwe kwambura imbunda zose basanganaga umuntu;ibyo byerekana neza ko bazi uwishe Habyarimana ;niba batamuzi bagomba kuvuga uruhari bagize mu burangare bw'akazi kabo bari bashinzwe.Nibo bari bazi inzira umukuru w'igihugu ari bunyuremo;nibo bari bazi uburebure indege iraba igenderaho ;nibo bari bazi igihe indege iri bugerere ku kibuga kuko bavuganaga nayo.Nyuma y'ibyo kandi ;ibisasu byarashe iyo ndege byari bitunzwe na MINUAR na FPR gusa ;kugeza ubu nandika iyi nkuru ;ingabo z'u Rwanda ntizigeze zigura ibisasu nka biriya bihanura indege ndetse benshi ntibanabizi;uretse ko FPR yo yigeze kubikoresha ihanura indege mu Mutara;ikongera kubikoresha ihanura kajugujugu.

## NI NDE WARI UFITE INYUNGU KU RUPFU RWA HABYARIMANA ?

---

Nyuma y'uko intambara itangira mu 1990;FPR yumvishije amahanga yose ko Habyarimana ariwe wanga ko amasezerano y'amahoro y'Arusha ashyirwa mu bikorwa;kugeza ubwo FPR yaboraga itangaza ko n'ubwo haba amatora igatsindwa yasubira mu ishyamba ;ibyo byatangajwe na Kagame mu kiganiro yagiranye n'abanyamakuru.Perezida wa FPR Kanyarengwe we yemeje kenshi ko u Rwanda rudashobora kugira amahoro igihe Habyarimana akiriho;ko urwana babyiteguye ko urugamba rukiri rurerure rero.Iyo ibyo byose ubiteranyije rero ;usanga Habyarimana yarishwe na FPR ibinyujije ku Babiligi babaga muri MINUAR.Abo babiligi nabo nk'uko ibimenyetso dufite bibyerekana ni ikiciro cyaje nyuma hagati y'ukwezi kwa mbere n'ukwa kabiri ;muri icyo kiciro niho harimo agatsiko kari gashinzwe kuzica Habyarimana gafatanije na FPR. Kuba harimo abavuga ko Habyarimana yishwe n'abantu ba FPR bahagarikiwe na MINUAR;nabyo birashoboka kuko ariyo yarindaga ahantu hose hari hakikije ikibuga ;kereka abo Babiligi berekanye ko ntaruhare bagize muri ibyo bashinjwa .Ni ahabo rero.

## HAKOZWE IKI RERO NYUMA YO GUPFA KWA HABYARIMANA LE 06.04.1994 ?

---

Ubwo indege ya Habyarimana ikimara kuraswa hari mu ma saa mbili n'iminota mirongo ine n'itanu;ubwo ako kanya abasirikare ba FPR bari muri CND biyamiriye rimwe ngo <u>Umwanzi turamukize we</u>;ubwo bavuza amafilimbi n'ibindi byose bibomborana .Twibutse ko ikigo cy'abari bashinzwe kurinda umukuru w'igihugu gifatanye n'inzu ya CND yari irimo Bataillon y'inkotanyi ;bitandukanyijwe na metero z'ikirere zitageze kuri 300.Ubwo muri iryo joro ryo kuya 06.04.1994 abasirikare bakuru bari i Kigali bateranye ikitaraganya muri Etat Major;muri iyo nama kandi harimo na ROMEON Dallaire wari ushinzwe kuyobora ingabo za ONU mu Rwanda .Inama itangira mu masa yine z'ijoro kugeza mu gitondo.Iyo nama yigaga ibyakorwa;ikaba yari ihuriwemo n'abasirikare bakuru bari i Kigali.Icyo gihe Ministre w'Ingabo yari mu butumwa mu mahanga kimwe na General KABILIGI bose iyo nama ntibari bayirimo kubera ubwo butumwa barimo.

Iyo nama yageze kuki rero ?

---

Iyo nama yamaze ijoro ryose ;abasirikare bakuru bunguranye ibitekerezo ku byakorwa ngo bagarure umutekano ;maze bakora itangazo risaba abaturage kudasubiranamo ahubwo bakaguma mu ngo zabo kugeza ubwo bazahererwa andi mabwiriza mashya.Iryo tangazo ryakorewe muri iyo nama na Dallaire yari ahari ;ryananyuze kuri Radio Rwanda muri iryo joro;ubwo abasilikare bari muri iyo nama bifuje ko hashyirwaho komite ishinzwe kuyobora igihugu by'agateganyo ;iyo komite ikaba yari igizwe n'abasilikare.Ubwo icyo gitekerezo Dallaire yaragishyigikiye maze avuga ko we ari umusirikare;ko bagomba kujya bumva icyo ushinzwe politiki muri MINUAR ariwe Jeacque Roger BOHBOH abitekerezaho.Ubwo hakozwe akantu kameze nka delegation kayobowe na Dallaire;ubwo ako gakomisiyo karagiye kageza ibitekerezo kuri Roger Bohboh maze asubiza ko bidashoboka ;ko bigenze bityo byazana ingaruka nyinshi mu rwego mpuzamahanga ndetse n'imbere mu gihugu.Muri izo ngaruka izibanze zavugwaga na Roger BOHBOH ni izi:
A.Komite igiyeho igizwe n'abasilikare ;MINUAR yose yahita itaha kuko amasezerano ayizana mu Rwanda yaba ahimdutse;bityo akaba atagihari.
B.FPR yahita ivuga ko ako gatsiko ka gisirikare kashyizweho igomga kukarwanya ;bityo intambara ikaba iratangiye.
C.Gusobanurira abaturage ibyo bintu byagorana cyane kubera ko bari bamaze igihe biteguye ishyirwaho ry'amasezerano y'Arusha;bikaba bitakumvikana rero ukuntu urupfu rw'umuntu umwe rwatuma ayo masezerano aburizwamo. Ubwo iyo komisiyo yari iyobowe na Dallaire yaragarutse isobanurira abayitumye nabo bari bakiri mu nama uko Roger Bohboh yashubije.Ubwo igitekerezo cyo gushyiraho komisiyo kimaze kuburizwamo;inama ya gisirikare yifuje ko itegeko nshinga twagenderagaho mbere y'uko Arusha ishyirwa mu bikorwa ryakubahirizwa.Ubwo bemezako SINDIKUBWABO THeodore wari usanzwe ayobora CND yaba ariwe uyobora igihugu by'agateganyo;banemeza ko kandi mu gitondo cyo kuya 07.04.94. haterana inama y'abakomanda bose bategeka ibigo bya gisirikare mu maperefegitura;ko nabo baterana bakagira icyo bemeza.Ubwo mu gitondo abo bayobora ibigo nabo barateranye ;bemeza ko umwe mubayobora ingabo mu ma perefegituira ariwe uba Chef d'Etat Major;ubwo uwitwa GATSINZI Marcel wali ubaruta bose ;akaba yari yaranamaze imyaka irenga 15 muri Etat Major ayobora Operation militaire ;basaba ko ariwe waba afashe ubuyobozi bw'ingabo;ubwo kandi bemeje ko bagomba gukomeza kubumbatira umutekano mu ma perefegitura bayobora kuko nta guverinoma yari iriho icyo gihe;nabo kandi bemeje ko abayobozi b'amashyaka bemerwaga n'amasezerano y'Arusha ;ko baterana bagashyiraho guverinoma y'agateganyo;bemeza ko igomba kuba yashyizweho <u>le 08.04.1994.</u>

## UBWICANYI BWATANGIYE BUTE ?

---

Habyarimana amaze gupfa aho Kagame yari ari ku Murindi areba umukino w'umupira ;yahise ahaguruka avugana na bataillon ye yari i Kigali ayisaba ko yitegura kugeza ubwo iza guhabwa amabwiriza mashya.Ubwo Kagame yateranije ikitaraganya indi nama ku Murindi maze ahita yohereza telegramu i Kampala kwa Museveni amusaba inkunga yihutirwa yo guhita atera agafata Kigali.Ubwo Museveni wali umaze akanya gato ageze iwe i Kampala yatinye guhita asubiza iyo telegramu kuko atari azi icyo amahanga ari buvuge ku rupfu rwari rumaze guhitana abaperezida babili n'abaministri babo.Ubwo uko gutinda kwa Museveni kwatumye inkotanyi nazo zitinda.Hagati aho mu gitondo cyo kuwa <u>6.04.1994</u> bamwe mu ba GP barindaga umukuru w'igihugu batorotse umuyobozi wabo nawe wari mu nama kimwe n'abandi bajya kwica;bamwe mu bategetsi bakoranaga n'inkotanyi niho hapfuye benshi mu bategetsi bari batuye i KIGALI ibyo byaje gutuma inama yari yahagaze gato abari bayirimo bongera guterana maze babwira umuyobozi w'aba GP gusubiza ingabo ze mu kigo.Ubwo kandi n'inkotanyi zo muri CND zari zasohotsemo zatangiye gukwirakwira hirya no hino muri za Remera ;Kicukiro zica abo zitavuga rumwe nazo.Ubwo zamaze gutera imbonankubone ikigo cy'aba GP ;ubwo na bamwe mu ba GP bari mu mugi bose bihutiye gutaha ngo bajye kubohoza ikigo cyabo cyari cyatewe.Ubwo hari <u>le 7.04.1994.</u>
ubwo Museveni yaje gusubiza za telegramu yemera inkunga yari yasabwe ;nibwo Radio Muhabura yahise itangaza ko Kagame n'ingabo ze baratera bagahitana ibyo barasanga mu nzira.Izo message zanyuraga kuri radio abaturage bazakiranaga uburakari bwinshi.Ubwo inama y'abayobora amashyaka yateraniye kuri ESM (ishuri rikuru rya gisirikare)ivamo yemeje ishyirwaho rya Guverinoma ishingiye ku masezerano y'Arusha <u>usibye FPR</u> itari irimo gusa .Ubwo mu maperefegitura umwuka wari ukiri muzima buhoro;abaturage batarasubiranamo ku buryo bugaragara.

Ubwo kuri iyo taliki ya munane <u>8.04.1994</u> nibwo ubuyobozi bw'ingabo z'u Rwanda bwasabaga ko General Romeon Dallaire yajya ku Mulindi gusaba inkotanyi ko zahagarika imirwano.Ubwo Dallaire yagiyeyo maze FPR imwemerera ko mu gitondo cyo kuya <u>9.04.1994.</u>saa mbili za mu gitondo aribwo imishyikirano izatangira hagati y'ibice byombi.Mu gihe hari hategereje ko bucya le 9.04.1994. hagatangira imishyikirano yo gushyiraho

KA02 2224

uburyo bushya bwo gutegeka igihugu bishingiye ku masezerano y'Arusha.Mu gihe guverinoma yari imaze kujyaho yasabaga amahanga ibinyujije kuri Dallaire ko PPR yazemera ikitabira iyo mishyikirano yagombaga kuba mu gitondo cya 9.04.1994.PPR yaje guca kuri ibyo byose yari yemeye maze mu ijoro ryo kuya munani saa kumi ibura iminota itanu ya mu gitondo hasigaye amasaha atagera kuri atandatu ngo imishyikirano itangire ;ubwo PPR yatereye rimwe ku birindiro byose by'u Rwanda;PPR irahatera .Ubwo abantu bose baguye mu kantu imaze ubutegetsi bwariho mu Rwanda buhita buva muri Logique de paix;bujya muri Logique de guerre;ibyo kandi byunganirwaga n'amagambo radio Muhabura yatangazaga;buri kanya Kagame abwira isi yose ko abatava mu nzira ko babonana ;ubwo abaturage bagize ubwoba ;na guverinoma yari imaze kujyaho isanga nta bikoresho bihagije ifite nibwo habaye ikintu kibaye nka panique mu nzego zose.Ubwo ubwicanyi buba bukomeje butyo;aho PPR inyuze ikica abatavuga rumwe nayo muri politiki;n'imbere mu gihugu abaturage babyumva batyo .Igihugu kibura amasasu ;gifatirwa ambargo ariko PPR ikomeza guhabwa amasasu n'imbunda;ababiligi nabo baha amasasu PPR bagaragaza ko bari bamaze kubabazwa n'abasirikare babo bapfuye.Ubwo hagati aho intambara yabaga mu turere twose ni nako muri Kigali byari bikomeye .Ubwo ingabo z'amahanga zimaze gucyura abanyamahanga babaga mu Rwanda ;ababiligi bari muri MINUAR bagerageje gukwirakwira hirya no hino muri Kigali kandi bagaragaza ko bafite ibitwaro bihagije ;ubwo uko gukwirakwira hirya no hino kwaje gutera indi panique;abantu bagakeka ko ababiligi bagiye gufasha FPR kwifatira igihugu.Ubwo kandi ni nako umubare munini w;ingabo za LONU watashye maze abantu benshi bapfa nta kirengera amahanga abibona;aho gutabara ahubwo agahunga akarekera urubuga ibice byombi bishyamiranye;ubwo amahanga yimaga amatwi ibintu byatangazwaga na kagame kuri Radio MUhabura by;uko ibyo asanga mu nzira byose ntacyo asiga.Ibyo byaje gutera abaturage ubwoba maze bituma bamarana kuko bumvaga ko FPR ikoresheje ibyitso byayo ;ngo ntaho itaragera ngo ihafate kandi ihane abayirwanya bose. Ubwo FPR yaje kugira ingufu nyinshi yari yahawe n'amahanga bityo bituma ifatanya ingabo z'u Rwanda no kubura amasasu maze ifata igihugu ityo kuko aho yageraga yasangaga ingabo z'u Rwanda zagiye kubera kubura amasasu;bityo abaturage nabo babona abasilikare babo bahunga kubera kubura ibikoresho bagahitamo kubakurikira kugera muri zayire;i Burundi no muri Tanzaniya. Ni byo koko hakozwe amakosa menshi ariko uwashaka ko bitazongera yareba uruhari rwa buri muntu n;icyatumye ibyo byose biba kandi akirinda kubogama;akareba uruhari FPR yagize muri iriya ntambara;hakarebwa uruhari rwa LONU mu gutererana inzirakarengane;hakarebwa uruhari rwa FPR n'uruhari rw'abategetsi bacu maze agashyire ahagaragara ukuri ku byabaye mu Rwanda.

Iyi nyandiko tuyikoze kugirango buri muntu tumufashe gusubiza amaso inyuma ;arebe icyo yakwigaya ;icyo yakwishima.Dufite ibimenyetso by'ibyo byose twavugaga kugeza kuri izo mesage za Museveni na Kagame.Uwazikenera yategereza tukareba niba ari ngombwa ko tuzimuha.

KUKI ABABILIGI BAFASHIJE FPR MU KUYIHA INTWARO MU NTAMBARA YO MU KWA KANE ?

---

Icyo kibazo buri muntu wese arakibaza yibaza impamvu Ababiligi bari bafite mukuvanaho Habyarimana dore ko mbere y'uko umwami w'ababiligi Bodouin apfa yabanaga neza n'Ububiligi;ukuntu byaje guhinduka mu gihe gito rero bikaba nabyo bisaba irindi sesengura rirambuye;gusa umuntu akaba yakwibaza ku byabaye mu kwezi kwa kane .
Iyo ubajije abakurikiranira hafi kiliya kibazo bakubwira ko urupfu rw'ababiligi baguye mu mirwano mu kwezi kwa kane ;aririwo rwatumye Ububiligi burakara bugafasha inkotanyi ku mugaragaro kandi muri byose.Iyo aba bavuga batyo kandi ;ni bo baba bazi neza ko agatsiko ka bamwe mu babiligi bali muri MINUAR ariko kishe Habyarimana.Kugeza ubu iyo dosiye yo kurasa Habyarimana umunota ku wundi izwi na services z'abafaransa;iz'ababiligi n'iza FPR gusa.Navuze ko mu ngabo zacu nta rwego rwihariye rwaba rwarakurikiranye uko iyo dosiye yagenze;gusa umuntu akaba yakwibutsa ko hari ababiligi bane bafashwe nta byangombwa bafite byo gusohoka mu bigo byabo ;bagafatwa na MINUAR y'Aba Bangladesh ubwo bafatirwa hafi y'aho indege ya prezida yarasiwe kandi bafatwa mu masaha y'umukwabu;hahise hahinguka bamwe mu ngabo z'u Rwanda ;maze babasiganira aho babajyana;nibwo bose bemeje ko bajyanwa muli camp Kigali aho Etat Major yakoreraga ari naho baguye kimwe na bagenzi babo bo kwa Agatha wari Ministre w'intebe.Uko kwica abo babiligi ngo kwaba kwali ugukoza agati mu ntozi ;ngo byatumye ibisasu byose bari bafite bihabwa FPR ngo ibashe kwigarurira igihugu.

KUKI ANKETI ZATINZE KUGARAGARA KU RUHANDE RWACU ?

---

Ubundi anketi nk'iriya ishyirwa ahagaragara n'ibiro bishinzwe iperereza .Byavugwaga ko uwari ushinzwe iperereza;services zakoreraga mu biro bya Ministre w'intebe kandi nawe yashinjwaga ko ari icyitso cya FPR mu kwica Habyarimana .Bahereye kuri ya nama yakoresheje i Butare
ihuza aba ofisiye bakomoka mu majyepfo icyo batekereza ku bihe twarimo;usibye ko bamwamaganye kandi bakanamuvamo.ibyo ni nabyo byatumye yicwa kimwe n'abandi bitwaga ibyitso.

Uwo wari ushinzwe iperereza rero;nk'uko byavugwaga yahise agirirwa ikizere na FPR maze imushinga kuyobora ministeri y'ubuhinzi muri guverinoma yagiyeho FPR imaze gufata ubutegetsi.Uwo Iyamuremye kandi indege ya Habyarimana yarashwe yaraye ku Gisenyi aho yari aje mu nama ihuza u Rwanda na Zayire ku kibazo cy'umutekano;ku buryo aho yari ari muri Merdien yabuze uko ahasohoka kubera ubwoba no kwiheba;maze gusubira i Kigali biramunanira no gusohoka muri Hotel biramunanira ;maze aza kugira imana haza kunyura delegation y'u Rwanda yari ivuye mu mahanga irimo Ministre w;ingabo n'uwali ushinzwe iperereza mili Etat Major;ubwo yashyizwe muri escorte yamuzanye ikamugeza i Kigali

wari umaze kuba perezida wa Repuburika kubera itegeko nshinga ryabiteganyagaga kandi kikaba cyari icyifuzo cya Jeacque Roger BOBO .Ubwo yabanye na rebukwe kugeza ubwo duhunze we agahitamo kugaruka -sanga FPR yahise imugororera uriya mwanya. Ibyo byose byatumye ntacyo twakwizera kuri services ze mu gushyira ahagaragara iby'urwo rupfu;kuko njyo yamenya yayiha FPR abana nayo.

NIKI N'IZINDI SERVICES ZISHINZWE IPEREREZA ?

---

Muri iyo nama yagombaga gutangira kuri iriya taliki ya 7.04.1994 hateganyijwe gushyiraho services zishinzwe umutekano;ni muri urwo rwego Colonel Rutayisire wari ushinzwe iperereza muri Ministeri y'ingabo yagombaga kuba ari muri iyo nama yo kuya 7.04.1994. ubwo yahagurutse i Kigali mu masa kumi z'umugoroba aragenda ageze ahitwa i Shyorongi ni nko mu birometero 20 uvuye i Kigali ;ahagarara aho ngaho ajya mu rugo rw'uwitwa Munyakazi ;umututsi waje kwicwa ;nyuma y'aho uwo Munyakazi akaba yarigeze kuba muri Camp Kigali ari muri Main d;oeuvre civile akaba ari umuturage usanzwe.Aho ahavuye yerekeza ahantu hari akabari ahafata fanta gusahamwe n'undi mugabo ariko na n'ubu utaramenyekana.

Ubwo bigeze mu masambili n'igice nibwo yumvaga ko indege irashwe maze aravuga ngo yaaaa;ngo ikibazo cy'u Rwanda kibonewe umuti ngo ndetse na ka gasuzuguro ka ba Bagosora .Ibyombyemezwa n'umuntu wari aho mu kabare .

Ubwo yahise ahindukira yisubirira i Kugali aho gukomeza ajya i Gisenyi.

Icyo abantu bibaza .

---

Kuki uwo Rutayisire yahagurutse i Kigali agiye ku Gisenyi ;yagera i Shyorongi aho gukomeza akaguma aho kugeza ubwo Habyarimana arasiwe?Kuki yanze kujyana n'abandi hakiri kare agategereza guhaguruka wenyine ku mugoroba ?
Kuki aho kubabazwa n'umukuru w'igihugu yahise yishima akiyamirira mu kabare?Ageze i Kigali yasobanuye ko atageze ku Gisenyi kubera umutekano muke.Ubwo yabajijwe aho umutekano muke yawubonaga kandi yari avuye i Kigali mu ma sa kumi igihugu kikiri kizima ?Ibyo byose bituma abantu bemeza ko yari azi umugambi ;ko kandi yawukurikiraniraga hafi.Ubu nawe ari mu buhungiro i Mombasa kubera impamvu zitazwi neza.Iyo umubajije icyatumye adakomeza ngo agere ku Gisenyi ;agusubiza ko ngo MINUAR itari yamuhaye Escorte yo kumurinda.Ukibaza umuntu wategekaga abajandarme ari nawe wari usinzwe iperereza muri Ministeri y'ingabo ukuntu yagombaga gusaba ingabo zimurinda kandi afite izirenga 2000 ategeka. Ni amayobera .Turacyamukoraho anketi ngo tumenye aho ahuriye n'urupfu rwa Habyarimana ;gusa tubibutse ko atigeze asaba iyo escorte ngo MINUAR iyimwime.
Undi muntu ugomba gukorwaho anketi ni uwitwa NSENGIYUMVA Rafiki Yasenti waje kugirwa Ministre muri guvernoma y'Abatabazi kandi nawe hari byinshi ahuriyeho na Rutayisire kuri ibyo bibavugwaho.